REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE

RAPORO Y'IBIKORWA BYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE UMWAKA W'2001

P.O Box 174
Tel(+250)71761-71766
Fax (+250)571759
e-mail :unity@rwandal.com
Web Site :www.nurc.org.rw

Kigali, Gicurasi 2002

IBIKUBIYEM

MASHAKIRO

AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE MURI IYI RAPORO 5

IJAMBO RY'IBANZE 6

IRIBURIRO 9

1. AMAVU N'AMAVUKO YA KOMISIYO 9

2. INSHINGANO ZA KOMISIYO 9

3. IMITERERE Y'INZEGO ZA KOMISIYO 10

3.1. UMURYANGO W'ABANYARWANDA 10
3.2. INAMA Y'IGIHUGU 10
3.3. INAMA Y'ABAGIZE KOMISIYO 10
3.4. UBUNYAMABANGA BUHORAHO 11

A) UBUNYAMABANGA NYUBAHIRIZATEGEKO 11

B) UBUYOBOZI BUKURU BWA KOMISIYO 12

C) UBUYOBOZI BW'UBURERE MBONERAGIHUGU 12

D) UBUYOBOZI BUSHINZWE GUKEMURA AMAKIMBIRANE. 13

E) UBUYOBOZI BUSHINZWE GUSHYIGIKIRA IBIKORWA BY'ABATURAGE 13

IGICE CYA MBERE 14

IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2001 14

IBYAKOZWE N'ABAKOMISERI 14

I.1. GAHUNDA Z'INAMA Z'ABAKOMISERI ZAKOZWE MU MWAKA W' 2001 14
1.2. INGENDO, IBIGANIRO N' INAMA MPUZAMAHANGA 19
1.3. AMAHUGURWA N'INAMA ZINYURANYE 20

IGICE CYA KABIRI 22

II. IBIKORWA BY'UBUNYAMABANGA NYUBAHIRIZATEGEKO 22

II.1. ISHAMI RY'UBURERE MBONERAGIHUGU 22
II.1.1. Iriburiro 22
II.1.2. Ibikorwa byo mu rwego rw'Igihugu 22
II.1.3. INGANDO ZA POROGARAMU YO KWIMAKAZA UMUCO W'AMAHORO N'UBUYOBOZI BWIZA 23

IBISOBANURO BY'AMAGAMBO AHINNYE 25

II.2.4 IBIKORWA BYO MU NTARA 26

(3) AMAHUGURWA 32

4. UBUKANGURAMBAGA 34

II.2 ISHAMI RYO GUKEMURA MAKIMBIRANE 37
II.2.1 Inshingano ***..... 37***
II.2.2 Intego z'umwaka w'2001 ***..... 37***
II.2.3 Ibyakozwe ku cyicaro cya Komisiyo *..... 37*

1. IBIBAZO BYA POLITIKI N'UBUYOBOZI 38

2. IBIBAZO BY' IMITUNGO 39

C) MU RWEGO RWO GUTEGURA AMAHUGURWA 40

II.2.4. Ibyakozwe mu Ntara 46

A) IBIKORWA INTARA ZIHURIZAHO 47

B) IBIKORWA BY'UMWIHARIKO W'INTARA 47

D) INGORANE 52

E) IBYIFUZO 52

F) UMWANZURO 52

II.3 ISHAMI RISHINZWE GUSHYIGIKIRA IBIKORWA RUSANGE BY'ABATURAGE 53
II.3.1. Iriburiro *..... 53*
II.3.2. Inshingano *..... 53*
II.3.3. Imiterere n'ibikorwa by'ishami *..... 53*
II.3.4 Ibikorwa by'abaturage byagaragajwe, ibyasuwe n'ibyatewe inkunga *..... 55*
II.4. ISHAMI RY'ITUMANAHO 61
II.4.1 Ibyakozwe *..... 61*

1. IKINYAMAKURU CYA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE 61

2. GUTEZA IMBERE IMIKORANIRE YA KOMISIYO N'ITANGAZAMAKURU RYA LETA N'IRYIGENGA 61

3. IBIGANIRO KURI RADIYO YA TELEVIZIYO BY'U WANDA 61

4. GUTANGA AMAKURU BINYUZE KURI « INTERNET 62

5. ICYUMBA CY'ISOMERO RYA KOMISIYO 62

6. GUTEGURA GAHUNDA Y'IMYAKA ITATU Y'IBIKORWA BY'IRI SHAMI 62

7. KUMENYEKANISHA UMUNSI W'ISUZUMABIKORWA WO KU WA 23/11/ 2001 62

II.4.2. Ingorane *..... 63*
II.5. ISHAMI RISHINZWE UBUTEGETSI N'IMARI 63
II.5.1. Iriburiro *..... 63*
II.5.2. Inshingano z'ingenzi *..... 63*
II.5.3. Ibyakozwe by'ingenzi *..... 63*

D) AGASHAMI GASHINZWE UBUGENZUZI BW'IMARI N'UMUTUNGO 65

II.5.4. Ingorane *..... 65*
II.5.5 Umwanzuro *..... 66*

IGICE CYA GATATU 66

III. IBINDI BIKORWA BYA KOMISIYO 66

III.1. UBUFATANYE BWA KOMISIYO N'IZINDI NZEGO 66
III.2 KOMISIVO Y'IGIHUGU Y'UBUMWE N'UBWIYUNGE YAKIRIYE ABASHYITSI 68

IGICE CYA KANE 69

IV. IMYANZURO 69

IGICE CYA GATANU 70

V. IBYIFUZO 70

I.I. AYINJIYE KURI KONTI 71
I.I.I. AYASIGAYE KU NGENGO Y'IMARI 1999 NA 2000. ..... *71*
I.I.2 AYINJIYE *72*
I.I.3 AYINJIYE ATARI ATEGANYIJWE MU NGENGO Y'IMARI YA 2001 ..... *72*
I.I.4. AYASOHOTSE MU 2001 ..... *73*
II.1. KONTI Z'AMAFARANGA Y'AMANYARWANDA 75
II.2. KONTI Z'AMADOLARI 75

AMAGAMBO AHINNYE YAKORESHEJWE MURI IYI RAPORO

N°	Amagambo	Ibisobanuro
1.	ADEPR	Association des Eglises Pentecôtistes au Rwanda
2.	CDC	Comité de Développement Communautaire
3.	CNFJ	Centre National de Formation des Jeunes
4.	CNURC	Commission Nationale pour l'Unité et la Réconciliation
5.	CRS	Catholic Relief Services
6.	DELTA	Développement, Education, Leadership Teams in Action
7.	EGENA	Ecole Nationale de Gendarmerie
8.	FPR	Front Patriotique Rwandais
9.	GTZ	Gesellschft fur Technische Zusammmernarbeit (Coopération Allemande)
10.	HCR	Haut Commissariat des Réfugiés
11.	ISAE	Institut des Sciences Agronomiques et d' Elevage
12.	KIE	Kigali Institute of Education
13.	KHI	Kigali Health Institute
14.	KIST	Kigali Institute of Science and Technology
15.	LDF	Local Defence Force
16.	LWF	Lutherian World Foundation
17.	MDR	Mouvement Démocratique Républicain
18.	MIJESPOC	Ministère de la Jeunesse, des Sports et de la Culture
19.	MINADEF	Ministère de la Défense
20.	MINALOC	Ministère de l' Administration Locale
21.	MINEDUC	Ministère de l'Education
22.	MINIJUST	Ministère de la Justice
23.	ONG	Organisation non Gouvernementale
24.	ORINFOR	Office Rwandais d' Information
25.	PAM	Programme Alimentaire Mondial
26.	PDC	Parti Démocratique Centriste
27.	PDI	Parti Démocratique Islamiste
28.	PL	Parti Libéral
29.	PNUD	Programmes des Nations Unies pour le Développement
30.	PSD	Parti Social Démocratique
31.	PSR	Parti Social Rwandais
32.	UDPR	Union pour la Démocratie du Peuple Rwandais
33.	UNR	Université Nationale du Rwanda.

IJAMBO RY'IBANZE

Mbere na mbere twakwibutsa ko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ijya kwita ku kibazo cy'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda by'umwihariko, byatewe n'ingaruka za politiki mbi y'ivangura n'iyo gukurura amacakubiri mu bana b'u Rwanda byaranze amateka yacu. Ibyo byerekanywe n'iteganya rya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Masezerano y'Amahoro ya Arusha.

Ariko ibintu byarushijeho gukara kubera itsembabwoko n'itsembatsemba byo muri Mata - Nyakanga 1994. Ingaruka z'ibyo byose nizo zigikomereye u Rwanda n' Abanyarwanda.

Kuva Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yajyaho ku wa 12 Werurwe 1999, yihatiye cyane guhuza Abanyarwanda b'ingeri zose kugira ngo baganire ku bibazo byugarije Igihugu cyabo, mu bwisanzure no mu bwumvikane, babishakire n'ibisubizo bafatanyije, kuko nta n'umwe bitagiraho ingaruka.

Komisiyo yihatiye kandi gufasha Abanyarwanda kumva ko batangiye gupfa no gukira ko umuti ari umwe,ari uko bafatana urunana bakibumbira hamwe kugira ngo barusheho kugira ingufu kandi bumve batewe ishema no kuba ari Abanyarwanda mbere yo kwishimira ubundi bwoko ubwo ari bwo bwose.

Urugendo rw'inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge Abanyarwanda batangiye rumaze kugera ku bintu byinshi kandi byiza, nk'uko babigaragaje mu Ntara zose z'Igihugu ku munsi w'isuzumabikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge wabaye mu Gihugu cyose ku itariki ya 23 Ugushyingo 2001.

Muri bimwe mu bimenyetso shingiro byerekana ko inyigisho z'uburere mboneragihugu n' imibanire myiza zagize akamaro, twavuga:

1) Abanyarwanda benshi bumvise ko umutekano ari uwabo, bityo bituma bitandukanya n' inyigisho n' ibikorwa by' amacakubiri, cyane cyane mu turere twakunze kwibasirwa n'abacengezi.

2) Imibanire y'Abanyarwanda yarushijeho kugenda iba myiza, imvugo zisesereza ziragabanuka, bityo abantu bakemera kwihanganirana. Ibyo bigaragarira mu mpaka zubaka, aho abantu bafata imyanzuro bumvikanyeho.

3) Abana b'imfubyi bakiriwe mu miryango nta kwita ku moko cyangwa uturere. Icyo akaba ari igikorwa cyiza cy'ubumuntu gikwiye gushimwa.

4) Hirya no hino mu gihugu havutse amashyirahamwe ahuje abacitse ku icumu, abagore bafite abagabo bafunze bakekwaho icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, imfubyi z' itsembabwoko n'

itsembatsemba zirera zikarera n' izindi. Ubu bose bakorera hamwe nta bwishishanye bushingiye ku moko.

5) Imyanzuro yavuye muri uriya munsi w'isuzumabikorwa k'Ubumwe n'Ubwiyunge irerekana ko inzego za Leta zinyuranye zikwiye kurushaho kwegera abaturage, kugira ngo bagize imyumvire myiza ku bibazo byugarije Igihugu muri rusange, kandi ibibazo byihariye nabyo bigende bibonerwa umuti, bityo imibereho yabo irusheho kuba myiza.

6) Umwaka w' 2002, Komisiyo yawugeneye gahunda eshatu z'ingenzi.

- Gahunda ya mbere n' iyo kugira uruhare rugaragara mu butabera bugamije ubwiyunge, insanganyamatsiko ikaba "Inkiko Gacaca, kimwe mu bisubizo by'Ubumwe n'Ubwiyunge by'Abanyarwanda". Ibyo bizagerwaho hateguwe amahugurwa agendanye n' iyo nsanganyamatsiko.

- Gahunda ya kabiri ni iyo kubaka no guhugura inzego za Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge kugira ngo zirusheho kugira ubushobozi.

- Gahunda ya gatatu n' iyo gukurikiranira hafi niba amatwara ya politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge yinjira mu buzima bwa buri munsi bw'umunyarwanda

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge izakomeza kuba urubuga Abanyarwanda bahurizamo ibitekerezo, ari abato ari n' abakuru. Ibyo bizagerwaho ikomeza gutegura gahunda ku rwego rw'Igihugu, rw'Intara, rw' Uturere, rw' Imirenge ndetse n' urw' Utugari

kugira ngo ibyifuzo by'abaturage koko byubahirizwe, ijwi ryabo ryumvikane. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge irashimira Leta y'Ubumwe bw' Abanyarwanda kubera inkunga yayigeneye mu ngengo y’imari yayo, yatumye igera ku bikorwa byinshi mu mwaka w'2001. Irashima kandi uruhare rw'Abayobozi Bakuru b'Igihugu bagize, cyane cyane mu mahugurwa no mu ngando zinyuranye.

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge irashimira kandi abaterankunga bayifashije mu buryo butandukanye, abo bagizwe ahanini n'abahagarariye Ibihugu n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda.

K'uburyo by'umwihariko, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge irashimira Leta y'Ubudage yayifashije gusohora iyi raporo.

Komisiyo yongeye gusaba buri wese gukomeza gutanga umuganda we mu guteza imbere Igihugu cye, mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge bw' Abanyarwanda.

FATUMA NDANGIZA
Umunyamabanga Nyubahirizategeko
wa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

IRIBURIRO

1. Amavu n'amavuko ya Komisiyo

Kuva ku mwaduko w'abakoloni, u Rwanda rwaranzwe n'ubutegetsi bubi bushingiye ku ivangura n'amacakubiri hagati y'Abanyarwanda, bigaha abayobozi inzira yo gushimangira ubutegetsi bwabo bw'igitugu. Iyo politiki yo kutubahiriza uburenganzira bw' ikiremwa-muntu niyo yabaye intandaro y' itsembabwoko n' itsembatsemba ryo mu w'1994, ryahitanye Abanyarwanda barenze miliyoni (1.000.000). Amasezerano y'amahoro ya Arusha yagaragaje ko Ubumwe n'Ubwiyunge ari ryo pfundo rihamye ry'amahoro n'amajyambere arambye y'u Rwanda.

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda isanga Ubumwe n'Ubwiyunge mu Rwanda ari yo ntwaro yo kurwanya ubujiji muri politiki, mu bukungu, no mu mibereho rusange y'abaturage. Inteko Ishinga Amategeko yemeje Itegeko rishyiraho Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge muri Werurwe 1999.

Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda , nibwo buryo bwonyine bushobora kugarura amahoro, umutekano, kubahiriza uburenganzira bw' ikiremwa-muntu n'amajyambere nyakuri.

Ishyirwaho ry' iyo Komisiyo ni intambwe ikomeye mu guhindura ibitekerezo bibi byatewe n' imitegekere ishingiye ku ivangura n' amacakubiri.

2. Inshingano za Komisiyo

1. Gutegura no gushyira mu bikorwa impaka rusange mu rwego rw'Igihugu zigamije guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda ;

2. Gukoresha uburyo bwose bwafasha gukangurira Abanyarwanda ubumwe no kubushimangira ;

3. Gushakashaka no gukwirakwiza ibikorwa bigamije guteza imbere Ubumwe bw'Abanyarwanda no gutoza Abanyarwanda b'inzego zose umuco w' imikorere myiza igamije guhuza no kunga Abanyarwanda ;

4. Kwamagana no kurwanya ibikorwa, inyandiko n'imvugo bishingiye ku macakubiri ;

5. Gukangurira Abanyarwanda uburenganzira bwabo, kubatoza kubaha uburenganzira bw'undi wese, no kubaka umuco wo kubuharanira ;

6. Gutegura no guhuriza hamwe gahunda z'Igihugu, zigamije guteza imbere ubwiyunge bw'Abanyarwanda ;

7. Gutanga ibitekerezo ku mishinga y'amategeko, agamije kurwanya amacakubiri, no guteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda ;
8. Gukurikiranira hafi uko inzego z'ubuyobozi zubahiriza Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda ;

9. Kugenzura ko amashyaka, abayobozi n'abantu bose muri rusange bubahiriza amatwara ya politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

3. Imiterere y'inzego za Komisiyo

3.1. Umuryango w'Abanyarwanda

Politiki na gahunda bya Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge bishingiye ku Muryango Munyarwanda. Mu kazi kayo, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge yifuza ko Umunyarwanda wo mu nzego zose agira uruhare mu kureba uburyo ubumwe n'ubwiyunge byagerwaho. Muri urwo rwego, Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge iha Abanyarwanda urubuga bahuriramo ngo baganire ku mpamvu zateye amacakubiri hagati yabo no kureba uburyo bashimangira ubumwe n'ubwiyunge buhamye mu Rwanda.

3.2. Inama y'Igihugu

Inama y'Igihugu iyoborwa na Perezida wa Repubulika kandi igahuza abayobozi bo mu nzego zose z'Igihugu. Iterana rimwe mu mwaka. Igenzura iterambere n'ishyirwa mu bikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge.

3.3. Inama y'Abagize Komisiyo

Inama y'Abagize Komisiyo igizwe n'abantu 12, ikaba iyoborwa na Komite Nyobozi igizwe na Perezida, Visi-Perezida n'Umunyamabanga Nyubahirizabitegeko. Inama ya Komisiyo iterana rimwe mu kwezi, igasuzuma gahunda y'ibiro by'Ubunyamabanga Buhoraho, ikanagenzura imikorere yabwo, mu rwego rwo gukurikiza imigambi yo gushimangira ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda. Perezida wa Komisiyo afite inshingano zo kugenzura no kuyobora imirimo n'inama za Komisiyo, agasimburwa na Visi-perezidante iyo adahari.

3.4. Ubunyamabanga Buhoraho

Ubunyamabanga Buhoraho ni urwego Nyubahirizabikorwa rwa Komisiyo ruyoborwa n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko.

Inshingano zabwo ni izi zikurikira:

- Guhuza no gucunga imirimo rusange ikorerwa mu Bunyamabanga Buhoraho bwa Komisiyo;
- Guhuza Komisiyo na Leta hagamijwe Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
- Kugisha nama kenshi Abayobozi b'Igihugu ;
- Gukangurira Imiryango Mpuzamahanga umurongo w'ubumwe n'ubwiyunge;
- Gushakisha inkunga mu gihugu no hanze yacyo yashyigikira ibikorwa bya Komisiyo.

Mu Bunyamabanga Buhoraho harimo inzego zinyuranye z'imirimo, ari zo:

a) Ubunyamabanga Nyubahirizategeko

Ubunyamabanga Nyubahirizategeko ni urwego nyubahirizabikorwa rwa Komisiyo. Ruyoborwa n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko uri mu rwego rwa Sekereteri wa Leta, Ashinzwe:

- Guhuza no gucunga imirimo rusange ikorerwa mu Bunyamabanga Buhoraho bwa Komisiyo.
- Gutegura inama za Komisiyo.
- Gushaka uko gahunda ya Komisiyo yashyirwa mu bikorwa no gushakisha uburyo bwose kugira ngo ibiteganywa bigerweho.
- Gutegura ibiganiro mpaka ku byerekeye Ubumwe n'Ubwiyunge.
- Gukurikiranira hafi gahunda zinyuranye zikorwa n' inzego zikorana n'abaturage mu rwego rw'Ubumwe n'Ubwiyunge.
- Gutegura Inama Nyunguranabitekerezo ku rwego rw'Igihugu.

b) Ubuyobozi Bukuru bwa Komisiyo

Buyoborwa n'Umuyobozi Mukuru, uri mu rwego rw'Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri. Ashinzwe:

- Guhuriza hamwe imirimo y'Ubuyobozi bwo mu Bunyamabanga Buhoraho;
- Gutunganya ibyerekeye imari n'ubuyobozi muri Komisiyo;
- Gukora indi mirimo Umunyamabanga Nyubahirizategeko yamuhaye.

Muri ubu buyobozi harimo inzego (Serivisi) z'imirimo ebyiri:

- Itumanaho n'Ubushakashatsi.
- Icungamutungo n'Abakozi.

c) Ubuyobozi bw'Uburere Mboneragihugu.

Ubu buyobozi burimo udushami dutatu:

1. Agashami gashinzwe ibitabo by'inyigisho;
2. Agashami gashinzwe Ubushakashatsi mu Burere Mboneragihugu;
3. Agashami gashinzwe Inyigisho zigenewe Imbaga y'Abanyarwanda.

Ubuyobozi bushinzwe Uburere mboneragihugu bufite inshingano zikurikira:

- Gutegura birambuye gahunda y'Igihugu yo guteza imbere Ubumwe n' Ubwiyunge;
- Gutegura inyigisho n'imfashanyigisho zerekeye Ubumwe n'Ubwiyunge bw' Abanyarwanda;
- Guhugura Abanyarwanda b'ingeri zose hifashishijwe inama, amahugurwa, ibiganiro n'itangazamakuru hagamijwe Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Guhugura no guhamagarira Ubuyobozi bw'Igihugu Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Gukurikiranira hafi no gusuzuma uko Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda bigerwaho.

d) Ubuyobozi bushinzwe gukemura amakimbirane.

Ubu buyobozi bugizwe n'udushami dutatu:

1. Agashami gashinzwe Amategeko;

2. Agashami gashinzwe gukurikirana no kugenzura (monitoring);

3. Agashami gashinzwe ubuhuza (mediation).

Ubuyobozi bushinzwe gukemura amakimbirane bufite inshingano zikurikira:

- Gusuzuma amategeko ajyanye n'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kuba urwego rugenzura ibyo kurenganya abantu no kubacamo uduce;
- Gushyikiriza raporo inzego zishinzwe kurenganura;
- Gukurikiranira hafi inzego za Guverinoma no kugenzura niba zubahiriza politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu bikorwa byazo;
- Kugenzura niba amashyaka ya politiki, abayobozi bayo n'Abanyarwanda bose bubahiriza politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge;
- Kuba umuhuza mu makimbirane hagamijwe Ubumwe n'Ubwiyunge.

e) Ubuyobozi bushinzwe gushyigikira ibikorwa by'abaturage

Ubu buyobozi bushinzwe:

- Kugaragaza ibitekerezo by'abaturage kuri politiki y'ubumwe n'ubwiyunge;
- Guhuza gahunda z'ibikorwa byose (ibya Leta, Amashyirahamwe, Imiryango Mpuzamahanga n'abantu ku giti cyabo) bigamije guteza imbere abaturage no gushyigikira Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda;
- Guhuriza hamwe no gukurikiranira hafi gahunda z'ibikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge byatangijwe n'abaturage, inzego z'ibanze n'imiryango yigenga.

cyitonderwa

Komisiyo ifite andi mashami y'ingoboka, ayo niyo "Ishami rishinzwe icungamari n'ubuyobozi" na "Ishami rishinzwe itumanaho". Inshingano zayo n'imikorere yayo turabisanga muri iyi raporo.

IGICE CYA MBERE

IBIKORWA BYA KOMISIYO MU MWAKA W'2001

IBYAKOZWE N'ABAKOMISERI

I.1. Gahunda z'inama z'Abakomiseri zakozwe mu mwaka w' 2001

Itariki	Ingingo zasuzumwe
25/01/2001	- Gutanga umurongo w'ibikorwa bya Komisiyo bizibandwaho - Kurebera hamwe uruhare rwa Komisiyo mu bikorwa bya Leta bifite uburemere mu bumwe n'ubwiyunge : Inkiko Gacaca. - Mu makuru anyuranye, haganiriwe ku byerekeye ishimwe ry'aba Komiseri, ingando ya Busogo, Ishuri ry'ingando rya Nkumba, n'urugendo rw'aba Komiseri mu Burayi.
22/02/2001	- Gahunda yo Gusuzuma aho ibikorwa by' ubumwe n'ubwiyunge bigeze ku rwego rw'Intara. - Kungurana ibitekerezo ku mbanziriza-mushinga w'Itegeko rihana icyaha cy' ivangura. - Kubaka ubushobozi bwa Komisiyo (Capacity building). - Gusuzuma inyigisho k'ubutabera n'ubumwe, zatanzwe na Porofeseri Hizkias ASSEFA, zahawe abakozi ba Komisiyo (ku Cyicaro) n'aba Komiseri.
23/03/2001	- Gusuzuma imbanziriza-mushinga w'Itegeko rihana icyaha cy' ivangura. - Gusobanurirwa (information) k'umushinga wa Grassroot consultations » mu rwego rw'isuzumabikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge. - Gusuzuma ibyakongerwa ku mategeko ngenga mikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

26/04/2001	Isuzumabikorwa ry'Ishami ry'Uburere Mboneragihugu Inama yagejejweho gahunda y'umwaka y'iryo shami, kugirango ibyunguraneho ibitekerezo. Iryo shami ryibanze ku ngingo eshanu zikurikira: • Gutegura ingando zo mu Ntara • Imikino n'imyidagaduro • Amahugurwa • Ibiganiro n'amakinamico • Ibiganiro-mpaka - Kuganira kuri porogaramu y'amahugurwa agenewe Abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, azatangwa n'impuguke, Porofeseri ASSEFA. - Gusuzuma imbonerahamwe y'umushinga w'uburere mbonera gihugu ndetse n'uwo gukemura amakimbirane, duterwamo inkunga na GTZ.
30/05/2001	- Gusuzuma aho « grassroots consultation » igeze, n'uburyo Yasozwa; - Gusuzuma ibikorwa by'amashami ya Komisiyo; - Mu bindi byaganiriweho, hari: • Gutegura inama y'aba Komiseri na Komisiyo ishinzwe gutegura Itegeko-Nshinga; • Inama y'aba Komiseri, aba Depite, bamwe mu Bayobozi b'Igihugu, Imiryango mpuzamahanga, n'inararibonye (Eminent Personalities) ziturutse mu bihugu by'Ubudage, Afurika y'Epfo na Namibia, inama igamije kungurana ibitekerezo ku masomo twavana mu mateka y'ibihugu byacu, k'Ubumwe n'Ubwiyunge. Iyo nama yateguwe mu rwego rw' umushinga wo gukemura amakimbirane, Komisiyo ihuriyeho na GTZ; • Haganiriwe kandi ku bibazo by'amashyaka NOR n'Ubuyanja ku ruhare (impact) ashobora kugira k'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda • Hongeye kuganirwa kandi ku Nkiko Gacaca nk'imwe mu nzira z'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Ukwezi kwa 06/2001	Nta nama yabaye muri uku kwezi, bitewe n'uko Perezida, Umunyamabanga Nyubahiriza-Tegeko na Komiseri Mpayimana Eliya, bagombaga kujya mu ruzinduko mu bihugu by'i Burayi, aho guhura n'abanyarwanda baba muri ibyo bihugu. Aho ni mu rwego rwo kunoza no gushyira mu bikorwa gahunda yo gusura abanyarwanda bari hanze, no kubashishikariza gutaha no gufatanya n'abandi kubaka Igihugu cyabo.
26/07/2001	- Isuzumabikorwa ry'amashami ya Komisiyo. - Imyiteguro y' inama zo mu Ntara zigamije isuzumabikorwa ry'Ubumwe n'Ubwiyunge (National - Kungurana inama kuri gahunda y'abanyarwanda baba hanze. - Mu bindi byaganiriwe, harimo: • Gutegura inama y'aba Komiseri na Komisiyo ishinzwe Inkiko Gacaca, iteganyijwe ku itariki ya 31/07/2001. • Amahugurwa y'aba Depite, aba Komiseri, Societe Civile bo ku cyicaro cya Komisiyo azatangwa na Prof. Dr. Ervin STAUB wo muri Universite ya Massachusetts, Campus ya Amherst muri Leta zunze Ubumwe za Amerika, na Dr Laurie Anne PEARLMAN wo muri Trouma Research, Education and Training Institute, Windsor, CT, USA ateganyijwe mu kwezi kwa munani ku matariki 08,09,13 Na 14/2001.
Ukwezi kwa 08/2001	- Nta nama yabaye, kuko muri uko kwezi kose, habayeho inama nyinshi zo gutegura inama yiswe « World conference against racism, racial discrimination, xenophobia and related intolerance » yabereye i Durban mu gihugu cya Afurika y'Epfo. Umunyamabanga Nyubahiriza-Tegeko wa Komisiyo yitabiriye iyo nama.

13/09/2001	- Umusanzu wa Komisiyo mu gutegura Itegeko-Nshinga - Umunsi w'isuzumabikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge buri Ntara yahawe abantu babiri bavuye ku cyicaro, ngo bakurikirane imyiteguro y'uwo munsi mu Ntara zose. Ayo matsinda yari agizwe n' abantu babiri : umu Komiseri, n'umwe mu bakozi bakuru ba Komisiyo. - Ibikorwa by'amashami ya Komisiyo
25/10/2001	- Kunonosora imyiteguro y'umunsi w'isuzumabikorwa, wimuriwe ku itariki ya 23/11/2001 - Kuganira ku igenamigambi (plan d'action trienal) ry'imyaka itatu (2002 -2004) ryateguwe na Komisiyo Kuganira no ku bashyitsi basuye Komisiyo bakabonana n'Umunyamabanga Nyubahiriza-Tegeko. Muri bo hari: - Minisitiri w'Ubutwererane w'Igihugu cy'Ubuholandi wijeje Komisiyo Inkunga, hari n'Umupadiri waturutse i Kisangani ho muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, wasuye Komisiyo, akeneye cyane kumenya imikorere yayo, bibe byamufasha kugira icyo amarira Igihugu cye.
29/11/2001	- Gusuzuma imbanzirizamushinga uvugurura, uhindura kandi wuzuza Itegeko N° 03/99 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge : igenampamvu (justifications) n'ibyakorwa mu gihe « mandat » y'aba Komiseri bagiye kurangira. - Raporo y'umubonano na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika - Inama yahuje abakozi bose ba Komisiyo ari abo ku (headquarter/siege), ari abo mu Ntara, n'aba Komiseri, rwego rwo kurebera hamwe uko umunsi w' wagenze, n' imigereka yagiye ituruka mu Ntara zose.

21/12/2001	- Kungurana ibitekerezo ku mikorere mishya y'inzego za Komisiyo muri iyi myaka iri imbere - Gusuzuma ibitekerezo byavuye mu nama y' abakozi ba Komisiyo (icyicaro) ku byerekeranye n'imyumvire, imikorere n'inzego bishya bya Komisiyo mu bihe biri Imbere. - Kureba aho imyiteguro y' Inama y' Abanyarwanda baba hanze y'Igihugu « The First Rwandan Diaspora Global Convention » igeze. Iyo nama iteganyijwe kuva tariki ya 26 kugeza tariki ya 30/12/2001.
04/01/2002	- Kwifurizanya Noheli Nziza n'Umwaka Mushya Muhire wa 2002.

1.2. Ingendo, ibiganiro n' inama mpuzamahanga

Itariki	Aho byabereye	Uwagiyeyo	Gahunda
28/1- 7/2/2001	United States of America	Umunyamabanga Nyubahirizategeko	
24/3/2001	United Kingdom	Umunyamabanga Nyubahirizategeko	- Conflict prevention in Sub-Saharan Africa
29-31/01/2001	Kenya (Nairobi)	Umunyamabanga Mukuru	- Workshop on Peace building, Good Governance, Development and Integration in the Lakes Region
07-12/05/2001	Uganda (Entebbe)	Umunyamabanga Mukuru	- Basic Course « Conflict Management and Peace Promotion
17-23/06/01	South Africa (Pretoria)	Umunyamabanga Mukuru	- Joint Commission Rwanda/South Africa
22/6-02/07	Ubusuwisi, Ububiriqi, Ubuholandi	Perezida, Nyubahirizategeko na Komiseri Eliya Mpayimana	- Gahunda yo gusura abanyarwanda baba no kubashishikariza gutaha no gufatanya n'abandi banyarwanda kurwubaka
2-7/7/2001	Ubuholandi	Umunyamabanga Nyubahirizategeko	- Inama k'Ubumwe n'Ubwiyunge yateguwe na World Association for Christian Communication
5-12/7/2001	Uganda	Ushinzwe « Logistique »	- Inama yateguwe na GTZ yerekeye Logistics and procurements : Quality control and improvement
29/8 - 9/9/01	Afrika y'Epfo (Durban)	Umunyamabanga Nyubahirizategeko	- World Conference against racism, racial discrimination, xenophobia and related intolerance
26-30/12/01	Rwanda (Kigali)	- Abanyarwanda bo muri Diaspora - Abakomiseri - Abakozi ba URC	- The First Rwandan Diaspora Global Convention

1.3. Amahugurwa n'inama zinyuranye

Itariki	Gahunda
9-13/04/01	Amahugurwa « URC needs assessment >> yateguwe na Afrosearch - South Africa atangwa na Dr David de Waal na Geraldine Schoeman
27-30/04/01	Amahugurwa y'Abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda - Uburyo bwo gukemura amakimbirane
07-08/06/01	Inama y'abakozi ba Komisiyo kuri “Planification stratégique” no kubyerekeye « Gukumira no Gukemura Amakimbirane » Uburyo bushya bw' isesengura.
10-13/06/01	Amahugurwa y'aba Depite : Uburyo bwo gukemura amakimbirane
19-20/06/01	Inama nyungurana-bitekerezo n'Impuguke zo muri Afurika y'Epfo, Ubudage na Namibiya (Personnalités Eminentes). Intego y'iyo nama yari kungurana ibitekerezo ku nzira y'ubumwe n'ubwiyunge, duhereye ku masomo twakura mu mateka y'ibihugu byacu.

Icyitonderwa

Amahugurwa yo ku wa 9-13/04/2001 yabaye ingirakamaro cyane kuko imyanzuro yayo yatumye Komisiyo ishobora gutatura no kugaragaza imyumvire yiyo vision », ubutumwa yahawe << mission » n'intego nyamukuru zayo << objectifs strategiques ».

• Uko Ubumwe n'Ubwiyunge bukwiye kumvikana (Vision)

Nyuma y'ingoma z'igitugu zishingiye ku ivangura (discrimination) n'itonesha (clientélisme) zaranze u Rwanda zikarugeza ku itsembabwoko n'itsembatsemba, byo muri 1994, Abanyarwanda twese tugomba kumva ko Ubumwe n'Ubwiyunge ari yo nzira y'ukuri, izatugeza ku mahoro n'umutekano, byo soko y'amajyambere arambye.

• Ubutumwa bwa Komisiyo (Mission)

Mu butumwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahawe na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda harimo ingingo eshanu z'ingenzi ari zo:

a) Kubaka ubuyobozi bubashije kandi bunogeye Igihugu.

b) Gukora ibishoboka byose kugira ngo habeho umwuka mwiza mu gihugu, umwuka koko ubereye Ubumwe n'Ubwiyunge.

c) Kwimakaza ubumwe bw'Abanyarwanda, kubatoza gukunda Igihugu no kugihesha ishema.

d) Gusuzuma ibikorwa byose bibangamira Ubumwe n'Ubwiyunge no kubyamaganira kure.

e) Gushyigikira ibikorwa rusange by'abaturage biteza imbere Ubumwe n'Ubwiyunge.

• Intego za Komisiyo (Objectifs Stratégiques)

1) Gushishikariza Abanyarwanda kugira imyumvire imwe ku Bumwe n'Ubwiyunge.

2) Kuba umusemburo (Catalyst/catalyseur) mu guhuza abacitse ku icumu n'abashinjwa ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba.

3) Gukurikirana ibikorwa byose mu buzima bw'Igihugu bwa buri munsi, ari mu nyandiko z'amategeko ziriho n'izitegurwa, bigamije gukumira no gukemura amakimbirane ashobora kuvuka, no kwirinda guhungabanya inzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge twiyemeje.

4) Kubarura no guhuza ibikorwa byose bigamije gushimangira Ubumwe n'Ubwiyunge, iterambere n'imibereho myiza y'Abanyarwanda.

5) Gushyiraho gahunda ihoraho y'amahugurwa y'ingeri zose kugira ngo haboneke impuguke mu byiciro byose, uhereye ku nzego z'ibanze ukagera mu nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu.

IGICE CYA KABIRI

II. IBIKORWA BY'UBUNYAMABANGA NYUBAHIRIZATEGEKO

II.1. ISHAMI RY'UBURERE MBONERAGIHUGU

II.1.1. Iriburiro

Mu mwaka w'i 2001, ibikorwa by' ishami ry'uburere mboneragihugu byibanze cyane ku gusuzuma urugendo inzira y'Ubumwe imaze gutera mu Ntara zose z'u Rwanda. Ni muri urwo rwego, Abanyarwanda b'ingeri zose bahawe urubuga mu Turere twabo maze bakaganira ku Bumwe n'Ubwiyunge hagamijwe kugenera uruhare rwa buri wese mu gushimangira Ubumwe n'Ubwiyunge. Ibitekerezo byavuye muri ibyo biganiro byahurijwe hamwe, biganirwaho muri buri Ntara ku itariki ya 23 Ugushyingo 2001.

Ibindi bikorwa byitaweho, birarebana n'ingando z'abayobozi b'inzego z'ibanze, abarimu, urubyiruko n'abari n'abategarugori.

Porogaramu y'amahugurwa y'abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge yatangijwe mu Ntara za Gikongoro, Kibungo, Butare na Byumba. Ibyo byose byaherekejwe n'imfashanyigisho zinyuranye zahawe Abanyarwanda.

II.1.2. Ibikorwa byo mu rwego rw'Igihugu

Intego

Kugena gahunda z'ibikorwa by'uburere mboneragihugu muri buri Ntara mu mwaka w'2001 n'ibikorwa bya Komisiyo mu myaka itatu kuva mu 2002 kugeza 2004.

Kugerageza kubonera abantu bose bashinzwe gukangurira abandi ubumwe n'ubwiyunge, imfashanyisho zijyanye n'uwo murimo.

Ibikorwa

(a) Abakozi b'ishami ry'uburere mboneragihugu bafashije Intara zose kunonosora porogaramu z'ibikorwa byabo. Ibyo byakozwe kuva muri Mutarama kugeza muri Werurwe 2001.

(b) Ishami ry'uburere mboneragihugu ryateguye igenamigambi yaryo mu myaka itatu : 2002, 2004, n'ibyakozwe kuva muri Kamena kugeza muri Nzeri 2001.

(c) Imfashanyigisho zikurikira zasakajwe mu gihugu:

Indirimbo k'Ubumwe n'Ubwiyunge : hakozwe kaseti ebyiri (2) zigizwe n'indirimbo zitandukanye. Zose hamwe ni 4000.

Karendari ibihumbi bibiri (2000) n'udupira two kwambara (T.Shirts) ibihumbi bine (4000) dufite ubutumwa bwigisha, twahawe Abanyarwanda.

Inkuru zishushanyije k'Ubumwe n'Ubwiyunge zigenewe cyane cyane urubyiruko rwo mu mashuri : handitswe udutabo ibihumbi bibiri (2000).

Hasohotse udutabo ibihumbi bibiri (2000) dukubiyemo imivugo k'Ubumwe n'Ubwiyunge, natwo tugenewe amashuri.

Amakinamico 3 k'Ubumwe n'Ubwiyunge yagejejwe ku matorero mu Ntara zose, maze amatorero aritoza, arayakina.

II.1.3. INGANDO ZA POROGARAMU YO KWIMAKAZA UMUCO W'AMAHORO N'UBUYOBOZI BWIZA

Imbonerahamwe y' ibyakozwe mu mwaka w'2001 mu rwego rwo kwimakaza umuco w'amahoro no kubaka ubuyobozi bwiza « Peace and Leadership Training Program » iteye itya:

Igikorwa	**Cyabereye**	**Igihe**	**Cyatewe inkunga na**	**Cya yobowe na**
1.Imyiteguro y' ingando	Kigali	01/O1 19/01	-	NURC
2. Ingando y'abanyeshuri bagiye kwiga muri UNR, KIST, KIE, KHI, ISAE,2001/2002	Busogo	20/01 03/03	Intara ya Ruhengeri HCR, PAM MINEDUC, Ambassade y' Abongereza niy' Abadage	NURC
3. Ingando y'aba-nyeshuri bemerewe kwiga muri UNR, KIST, KIE, KHI, ISAE umwaka	Busogo	11/3-11/05	PAM, MINEDUC, Ambassade y'Abongereza mu Rwanda, Intara ya Ruhengeri	NURC
4. Imyiteguro y'Ingando	Kigali	12/05-15/06	-	NURC
5. Ingando y'abanyeshuri bagiye kwiga muri UNR, KIST, KIE, KHI, ISAE n'abarangije La Roche College muri Amerika	Gishari	16/6 – 30/7	PAM, Police Nationale, N'Intara ya Kibungo	NURC
6. Ingando y'abana bakekwagaho icyaha cy'itsembabwoko bafunzwe	Gacuriro 20/9 – 15/11	20/10 – 26/11	PAM, POLICE Nationale, MINIJUST, UNICEF	NURC MINIJUST
7. Ingando y'abarangije Universite mu Buhindi na Uganda	EGENA, Ruhengeri	21/10 – 26/11	PAM, MINEDUC	NURC

Ibisobanuro by'amagambo ahinnye

KIST	-	Kigali Institute of Science and Technology
KIE	-	Kigali Institute of Education
KHI	-	Kigali Health Institute
ISAE	-	Institut des Sciences Agronomiques et d'Elevage
UNR	-	Université Nationale du Rwanda
EGENA	-	Ecole de la Gendarmerie Nationale
NURC	-	National Unity and Reconciliation Commission
MINEDUC	-	Ministere de l'Education
PAM	-	Programme Alimentaire Mondial
MINIJUST	-	Ministere de la Justice

II.2.4 IBIKORWA BYO MU NTARA

Ingando

(2) Kugeza ku baturage inyigisho zibasobanurira gahunda ya Leta n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda:

INTARA	ABO INGANDO IGENEWE	IGIHE N'AHO YABEREYE	IBYAVUYEMO	ICYO TWAVUGA
1. Butare	Abakanguramba ga b'Ubumwe n'Ubwiyunge (abantu 420) baturutse mu mirenge yose	Tariki ya 4/2 – 3/3/2001 Mugusa - Gikonko	Ibiganiro nyunguranabitekerezo ku mibanire y'abanyarwanda no ku boyobozi bwiza mu Turere tw'Intara ya Butare byatumye basobanukirwa	Abayobozi b'uturere ntibafashije ku byo gutwara abantu naho ubundi ingando yabaye nziza
2.Cyangugu	Local Defence Force (abantu 500 barimo 200 baturutse ku Gikongoro na Butare)	Kuva mu kuboza 2000 kugeza Mutarama 2001 i Ntendezi	Abari mu ngando bumvise uruhare rwabo mu mibanire myiza, ubuyobozi bwiza n'umutekano	Abitabiriye ingando babonye ko ingando ari nziza bitandukanye n'ibyo bajyaga bumva
	Abayobozi b'inzego z'ibanze bo mu Karere ka Bukunzi (abantu 328)	5/5 – 19/5/2001	Abavuye mu ngando n'itorero ryayivukiyemo barimo barafasha Bukunzi kuyoboka inzira y'ubumwe n'ubwiyunge	Ingando yabaye nziza ni ubwo iminsi yari mike

3. Gisenyi	Ingando zabaye zari zigizwe n'abantu 356 barimo: -Abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye; -Abayobozi b'amashuri mu Turere; -Bamwe mu barimu batoranyijwe	1-10/Nzeri 2001 College Inyemeramihigo	Ingando yagenze neza ariko igihe gito yamaze cyatumye amasomo adasesengurwa ku buryo buhagije	-Bifuje ko bajya bakora ingando mu biruhuko. -Ingando z'abarimu ni nziza zitanga umusaruro
	Ingando z'abatahutse vuba n'abari bafungiwe itsembabwoko (abantu 347)	18/5/2001 kugeza 15/6/2001 Mudende	Ingando yagenze neza	Byaba byiza habayeho gahunda ya 'suivi/follow-up' y'abo bantu kugira ngo umusaruro ukomeze kuba mwiza ntibadohoke.
	Ingando ya ba ex-FAR/Interahamwe na bamwe mu bari bagiwe umutwe wa ALIR (abantu 803)	20/6/2001 – 20/12/2001 i Mudende	Abenshi ni abafatiwe ku rugamba kandi bagizwe n'ibitsina byombi ndetse n'abana	Abayobozi cyane b'inzego z'ibanze bagomba kubaba hafi. Bakabafasha kwinjira mu buzima busanzwe nta mpungenge
4. Umutara	Abayobozi bo mu nzego z'ibanze (abantu 207)	Kuva ku itariki 1/6 – 23/6/2001 i Gakoni - Murambi	Abayobozi biyemeje kuba umusemburo w'ubumwe n'ubwiyunge	Abayobozi bo mu Ntara basabye ko Ingando z'iwabo zajya ziba igihe cyitari icy'izuba

5. Byumba	Abagize inzego z'Abari n'abategarugori n'inzego z'Urubyiruko (abantu 199)	Kuva 22/7 – 17/8/2001 kwa Kabuga	Bahindutse abafasha ba URC mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge	Abari mu ngando basabye ko Ministeri y'abari n'abategarugori, na Ministeri y'urubyiruko ko zabegera kurushaho
6. Kibuye	Abagize njyanama z'Uturere, abarimu bo mu mashuri abanza, abayobozi b'ibigo by'amashuri yisumbuye, inyangamugayo n'inararibonye (abantu 140)	15/7 – 13/8/2001 ku kigo cy'amashuri i Nyamishaba	Abavuye mu ngando bavugisha ukuri abenshi aho bari hose. Mbese habaye ho impinduka nziza mu myumvire yabo.	N'ubwo abatumiwe batitabiriye ingando nk'uko byari byateganyijwe, ntibyayibujije kuba nziza
7.Ruhengeri	Ingando z'abarimu, abagenzuzi b'Uturere ba Animateurs, Abayobozi b'amashuri, Umwarimu kuri buri kigo cya Primaire, ba Pretets des Etudes bo mu mashuri yisumbuye (bose hamwe bakaba abantu 463)	21/7/2001 – 11/8/2001 Musanze	Abarimu batashye biyemeje gufasha NURC na Leta mu kubaka ubumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda	Bene izi ngando ni kimwe mu byafashije kugarura umutekano mu Ruhengeri
8. MVK	Urubyiruko rwa PVK rwaturutse mu miryango irera imfubyi nka Tumurere n'indi (bose hamwe	Kuva 10/8/2001 kugeza 10/9/2001	Urubyiruko rwatashye rusobanikiwe gahunda ya Leta y'Ubumwe n'Ubwiyunge	MVK ikwiriye kwitabwaho by'umwiharik o kuko nta mukozi wa URC ubamo.

	bari abasore n'inkumi 329)			Abadufasha baho usanga bahugihe mu bindi
9. Kigali NGALI	Ingando y'urubyiruko rwaturutse mu cyahoze ari Komini Gikoro, Bicumbi, Rubungo na Kanombe	12/3 – 1/4/2001 Gishaka - Gasabo	Ingando zakozwe zitewe inkunga na CRS (Catholic Relief Services) urubyiruko rwarushijeho gusobanukirwa na gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge	Kiriziya Gatorika iratanga inkunga ikomeye k'Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda
	Ingando ya FMP: Urubyiruko ruhuriye mu miryango ya Agisiyo Gatolika ariyo: JOC, JOC/F, XAVERI, EERWA na MTCR (abantu 135)	16/8 – 9/9/2001 Rutonde, Shyorongi	Urubyiruko rw'imiryango Gatorika rwarahuguwe, rwiyemeza no kuzahugura abandi	Amadini yemewe mu Rwanda akomeje gutera inkunga mu guhugurira abanyarwanda kubana mu mahoro
10.Kibungo	Ingando z'abashinzwe kubungabunga umutekano w'abaturage	Kamena – Nyakanga, Nzeri-Ukwakira 2001 Akarere ka Rusumo	Local Defence 1263 barahuguwe	Bigishijwe ubuyobozi bwiza no kurengera abaturage bashinzwe

Ibiganiro

Intego: Kungurana ibitekerezo ku bibazo byugarije igihugu no gushaka uburyo bwo kubikemura

INTARA	IBIGANIRO	AHO BYEBEREYE	ABO BYARI BIGENEWE	ICYO TWAVUGA
1.Butare	-Ibiganiro nyunguranabitekerezo ku mibanire y'abanyarwanda. -Ibiganiro mbwirwaruhame -Ibiganiro n'abaturage b'ingeri zose. Ibi byose byakozwe mu mezi atandukanye y'umwaka wose w'2001	-Mu Turere twose -Mu ma shuri yisumbuye -Mu bigo binyuranye	Abaturage b'ingeri zose n'abanyeshuri	Ibiganiro byabaye byinshi kandi byiza
2.Cyangugu	Ibiganiro nyunguranabitekerezo muri Mutarama, Kamena na Nyakanga 2001	Mu Turere	-Nyobozi z'imirenge -Abayobozi b'ibigo by'amashuri -Abarimu -Abacuruzi -Abayobozi b'amadini	-Basuzumye intambwe imaze guterwa ku Bumwe n'ubwiyunge
3.Umutara	Ibiganiro nyungurana bitekerezo kuva muri Mutarama kugeza Gashyantare	Mu Turere twose tw'Umutara	-Abayobozi bo mu nzego z'ibanze 880 -Abanyeshuri mu mashuri yisumbuye ya Muvumba na Rukomo (abanyeshuri 570)	Bakoze ibiganiro byinshi ariko hakenewe ko bagera no mu bindi bigo by'amashuri no mu baturage

4.Byumba	Ibiganiro ngishwanama	Mu Turere twose twa Byumba	-Inzego zitandukanye z'abaturage -Abayobozi bo mu nzego z'ibanze	Raporo yabo ntagaragaza igihe n'icyo ibiganiro byagezeho uretse umunsi tuzi w'isuzumabikorwa
5.Kibuye	Ibiganiro ngishwanama	Mu Turere twose twa Kibuye	-Komite z'utugari -Komite z'imirenge -Abarezi n'abayobozi b'ibigo by'amashuri	Byakozwe neza kandi byashimwe na benshi
	-Ibiganiro mpaka mu rubyiruko rwo mu mashuri yisumbuye	Ku mashuri yisumbuye	Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye	
6.Gitarama	-Ibiganiro ngishwanama bya Komisiyo byagenewe abaturage b'ingeri zinyuranye	31 Gicurasi – 13 Kanama 2001, mu Turere n'Imijyi	Abaturage bose	-ibiganiro byeteguwe neza kandi bikorwa mu Turere twose n'Imijyi yose
	-Ibiganiro nyungurana bitekerezo	Mutarama 2001 mu Turere yari agize Intara ya Gitarama	Abaturage b'ingeri zose	Inyigisho bahawe zatumye amatora yagenze neza
	Inama y'Intara nsunzumabikorwa	23 Ugushyingo 2001, mu nzu ndangamuco y'Intara ya Gitarama	Inzego nkuru z'igihugu, Intara, uturere n'imijyi n'abikorera ku giti cyabo.	Inama yitabiriwe n'abantu benshi hanatangwa ibyifuzo n'ingamba zifatika zashyirwa mu bikorwa ku rwego rw'Intara
7.Kigali Ngari	Ibiganiro ngishwanama byitabiriwe n'abantu 2319	11-29/6/2001 ku biro by'Uturere twose uko ari 10	Abaturage b'ingeri zose	Havuyemo ingamba zifatika

8.Ruhengeri	Ibiganiro ngishwanama ku bijyanye n'ubuyobozi bwiza	Byabereye mu Turere	Abaturage b'ingeri zose	Ibiganiro byagenze neza
9.Kibungo	Ibiganiro ngishwanama kuri buri Karere	Byakozwe muri buri Turere	Inzego z'ibanze	Igihe hakozwe ibiganiro mu Ntara ni byiza ko hajya haboneka intumwa ya Komisiyo ku rwego rw'Igihugu
	Ibiganiro mu mashuri yisumbuye: -Runyombyi -Sumba -Kigeme -Nyagisenyi -Kibeho -Cyanika	Mu ishuri rya Runyombyi Nyamagabe	Abanyeshuri	Uko byari biteganyijwe siko byagenze kuko hasuwe amashuri abiri, Sumba yo muri Nyamagabe na Runyombyi yo mu Karere ka Nshiri
10.Gisenyi	Ibiganirompaka ku bimenyetso biranga ubumwe n'ubwiyunge, n'inzitizi zabyo	Abaturage ba Kageyo na Cyanzarwe	Abaturage bose	Uturere twose ntitwarangiye
11.Gikongoro	Ibiganiro mu mashuri yisumbuye: -Runyombyi -Sumba -Kigeme -Nyagisenyi -Kibeho -Cyanika	Mu ishuri rya Runyombyi Nyamagabe	Abanyeshuri	Uko byari biteganyijwe siko byagenze kuko hasuwe amashuri abiri, Sumba yo muri Nyamagabe na Runyombyi yo mu Karere ka Nshiri

(3) Amahugurwa

Intego: Gutegura abafasha ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu gusobanurira abaturage gahuna ya Leta y'Ubumwe n'ubusabane

IMBONERAHAMWE Y'AMAHUGURWA MU NTARA ZITANDUKANYE MU MWAKA 2001

INTARA	ABO AGENEWE	IGIHE N'AHO YABEREYE	ICYO TWAVUGA
1.Cyangugu	-Abahagarariye amadini -Abakuru b'imirimo -abahagariye pariki n'inkiko	Ryabaye kuva tariki ya 18 kugeza tariki 21/9/2001	Ihugurwa ryabaye ryiza ariko hakenewe irindi kugira ngo abahagarariye itorero ADEPR nabo bahugurwe kuko bataje guhugurwa nk'abandi, kandi ari itorero rikunze kurangwamo amakimbirane
2.Umutara	-Abayobozi b'imirenge -Abacitse kw'icumu -Urubyiruko -Abari n'abategarugori -Abahagarariye umuryango IBUKA -Abatahutse bo mu Karere ka kahi n'umujyi w'Umutara	Mu Turere	Aya mahugurwa yatewe inkunga n'umuryango Lutherian World Federation (LWF)
	Abayobozi (40) bahugiriwe kwigisha mu ngando	Ku Biro by'Intara y'Umutara	Intego yagezweho kuko ingando yakozwe neza. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge niyo yateye inkunga iri hugurwa
3.Gikongoro	-Abacitse ku icumu -Abarimu bo mu Karere ka Nyaruguru -Njyanama y'Akarere -Abari n'abategarugori	Akarere ka Nyaruguru Akarere ka Mudasomwa mu Mujyi wa Gikongoro	Bahuguriwe gahunda z'ubumwe n'ubwiyunge, ubworoherane no gukorera hamwe. Byari bikwiye gukorwa kenshi kuko igihe bahawe kidahagije

4.Kibungo	-abashinzwe ubumwe n'ubwiyunge ku rwego rw'akarere Hahuguwe abantu 2 buri Karere n'Umujyi, hahugurwa n'abantu 30 bo mu mirenge bose hamwe bakaba abantu mirongo itanu (50)	- Ku Turere no mu Mirenge	Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ku rwego rw'Igihugu yarushaho gusura abakangurambaga bayo.

4. Ubukangurambaga

Intego: Abakangurambaga bafasha ubuyobozi bw'Uturere gukangurira Abanyarwanda kubana neza.

INTARA	**ABO BIGENEWE**	**IGIHE N'AHO BYABEREYE**	**ICYO BYAGEZEHO**	**ICYO TWAVUGA**
Gitarama	Gushyiraho abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge mu turere twose, no mu mashuri yisumbuye	-Gicurasi 2001 Nzeri 2001 – Uturere, Imirenge n'amashuri	Abakangurambaga bashyizweho	Nta mahugurwa babonye yihariye
Gikongoro	Amahugurwa y'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge	Kamena 2001 Intara	Amahugurwa yagenze neza	Igihe cyabaye gito
Kibungo	Abakangurambaga 50 barahuguwe	Rwamagana muri Kamena 2001	Abakangurambaga mirongo itanu barahuguwe	Ibikorwa by'ubukangura-mbaga byaratangiye kandi bishyigikiwe n'amashyira hamwe
Byumba	-ihugurwa ry'abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge -Ihugurwa ryateguye ibiganiro ngishwa nama byo mu Turere.	Intara	Amahugurwa yagenze neza	Bakoze amahugurwa kandi meza

	-Ihugurwa ryateguye ibiganiro by'abakangurambaga b'inkiko Gacaca			
Butare	-Abakangurambaga b'ubumwe n'ubwiyunge -Abakangurambaga b'inkiko Gacaca	-Kadogo School -Nyanza muri CNFJ	Isuzumamikorere y'abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge n'ab'Inkiko Gacaca	Bakoze amahugurwa neza. Hakenewe ko bakomeza gukurikirana bariya bahuguwe b'abandi bashyira mu bikorwa ibyo biyemeje

Imikino n'imyidagaduro

Intego: Bifite intego yo gusabanya urubyiruko n'abaturage bsihingiye ku muco nyarwanda

INTARA	**IBIKORWA**	**IGIHE N'AHO BIKOREWE**	**ICYO BYAGEZEHO**
Kigali Ngali	Amarushanwa yo gusiganwa ku maguru: Urubyiruko ruturuste mu Turere icumi (10) abantu 250	Itariki 23/5/2001 – i Masaka	Ubusabane
	Gusiganwa ku maguru: urubyiruko rwabaye urwa mbere mu Turere tw'iwabo 70	Itariki 11-12/6/2001	Ubusabane
	Umupira w'amaguru: Abayobozi b'Intara n'ab'uturere 110. Imirenge y'uturere: Nyamata, Bicumbi, Gashora, Shyorongi, Busanza na Rushashi: 5000	Itariki 19/6/2001 i Kabuga	Ubusabane
	Umupira wa Volley	Itariki ya 3/9/2001	Ubusabane

	ball: abarimu bo mu mujyi wa Kigali n'abarimu bo mu Karere ka Rushashi 200	- Ruli - Rushashi	
	Jumelage y'akarere ka Gashora n'icyahoze ari komini Karama 200	Itariki 21/7/2001 – Karama (Gitongo)	Ubusabane Ubufatanye
	Ibitaramo n'amatorero hagati y'uturere: Ngenda (Kigali Ngari) na Bukamba (Ruhengeri) 115	Itariki ya 23/7/2001 - Ngenda	Ubusabane
	Kwimakaza umuco w'ubusabane mu rubyiruko - 3000	11/2 –3/2001 – Ibyahoze ari amakomini ya Rubungo na Bicumbi	Guhuriza hamwe abantu benshi bagasabana
	-Gusura abana bitandukanyije n'abacengezi 293	10/9/2001 – Gitagata – Kigali Ngari	Kubahuza n'imiryango yabo no kubasubiza mu buzima busanzwe
Gikongoro	Amakinamico	Mu mujyi wa Gikongoro	Ntiyakinywe
Gisenyi	Gusangira no gusabana n'abaturage b'ingeri zose	Nzeri, Ukwakira n'Ugushyingo, mu Turere tw'Intara ya Gisenyi	Ibikorwa bya Komisiyo byarushijeho kumenyekana mu nzego zinyuranye
	Ubusabane n'izindi Ntara- Ruhengeri	Muri Kamena 2001	Ubusabane bwagenze neza cyane
Ruhengeri	Urugendo muri Kongo (Rutchuru) rwo gukangurira abanyarwanda bariyo gutaha	Nyakanga 2001	Komisiyo yatanze inyigisho mu nkambi z'impunzi

II.2 ISHAMI RYO GUKEMURA MAKIMBIRANE

II.2.1 Inshingano

Iri shami rishinzwe:

Kureba ko amategeko ariho mu gihugu atabangamira politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge no guteganya ko andi agenda avuka yakwibanda k'Ubwiyunge.
Gukurikirana uko inzego zinyuranye zubahiriza Ubumwe n'Ubwiyunge, kumenya no kwamagana akarengane ako ari ko kose ndetse n'ibyakurura amacakubiri ibyo ari ibyo byose, byahungabanya ubumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda.
Gucyemura amakimbirane bishingiye ku gutoza abantu no kubafasha mu bworoherane.

II.2.2 Intego z'umwaka w'2001

Ukurikije izo nshingano tumaze kuvuga iri shami ryahaye intego zikurikira:

- Gutegura itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amakimbirane.
- Gukwirakwiza no gusobanura itegeko rihana icyaha cy'ivangura iryo ari ryo ryose n'icyo gukurura amacakubiri.
- Gushakisha ibitera amakimbirane mu Banyarwanda.

(d) Gutegura amahugurwa y'Abayobozi mu bumenyi bwo gucyemura amakimbirane.

II.2.3 Ibyakozwe ku cyicaro cya Komisiyo

(a) Mu rwego rw'amategeko

1. Gutegura itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'icyo gukurura amakimbirane.

Imbanziriza mushinga w'iryo tegeko watangiye gutegurwa muri Mutarama 2001. Nyuma y'iyo tariki habaye inama nyinshi kandi mu nzego zinyuranye, muri zo twavuga : inama ya Komisiyo n' impuguke mu by' Amategeko, inama ya Komisiyo n' abadepite bayihagarariye mu Nteko Ishinga Amategeko.

Itegeko rihana icyaha cy'ivangura n'cyo gukurura amakimbirane ryatowe kandi ryemezwa n'Inteko ishinga Amategeko ku itariki ya 22 Ukwakira 2001.

2. Komisiyo yagize uruhare mu nama yabaye tariki ya 06 n'iya 07 Gashyantare 2001, yari igamije kwiga uburyo bwo kwamamaza no gusobanura Itegeko ry'Umuryango rigena izungura.

3. Mu rwego rw'Amategeko kandi, abakozi bakosiyo b'Ishami ryo Gucyemura Amakimbirane bakurikiye amahugurwa yabereye ku Kibuye kuva tariki ya 20 kugeza ku ya 24 Kanama 2001, yarimo n'impuguke mpuzamahanga. Iyo nama yari igamije kwigira hamwe uko Itegeko Nshinga ritegurwa.

b) Mu rwego rwo gusuzuma ibitera amakimbirane mu Banyarwanda

Ibibazo bitera amakimbirane biri mu byiciro bitatu:

Ibibazo bya politiki
Ibibazo by' imitungo
Ibindi bibazo bitari muri ibi byiciro tumaze kuvuga

1. Ibibazo bya politiki n'ubuyobozi

Mu rwego rwa politiki

Hari ibihe bya politiki twanyuzemo byagiye bigira ingaruka nziza cyangwa mbi ku myumvire y' Abanyarwanda mu byerekeye ubuyobozi bw'Igihugu. Ingero zimwe twavuga ni nko:

- Gukurwaho icyizere n'Inteko Ishinga Amategeko kwa bamwe mu bayobozi bakuru b'Igihugu. Byatumye Abanyarwanda bamenya imikorere y'Inteko Ishinga Amategeko mu byerekeye kugenzura imikorere ya Guvernoma.

- Kwegura k'uwahoze ari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho, uwahoze ari Minisitiri w'Intebe n'uwahoze ari Perezida wa Repubulika byatumye abanyarwanda bumva ko muri demokarasi, unaniwe aregura nta yandi mananiza.

- Kuvuga indimi ebyiri kw'abayobozi bamwe na bamwe, guhunga Igihugu no kugisebya mu mahanga, gushinga amashyaka k'uburyo butemewe n' amategeko n' ibindi bica abanyarwanda intege, ntibumve icyerekezo bajyamo. Mu rwego rw'ubuyobozi

- Ruswa imunga ubutabera n'inzego z'ibanze bigikomeje guhembera akarengane.

- Gukwiza impuha mu gihugu hagambiriwe gusopanya abayobozi n' abaturage.

• Ibibazo by'ubutabera n' inkiko Gacaca : ifungurwa ry' akarengana n' indishyi z' imanza zaciwe zitaragera kuri bene zo.

2. Ibibazo by' imitungo

• Amasambu

Mw'isaranganya ry'amasambu hagiye habamo amacakubiri ashingiye ku bintu bimwe bikurikira:

- Isaranganya ryagenze nabi mu Ntara zimwe aho abayobozi bikebeye ibikingi batitaye ku bakeneye amasambu.

- Bamwe mu bakebewe amasambu barayagurishije barigendera, bishavuza ababakebeye kuko bari bigomwe bikomeye.

- Bamwe mu bacitse ku icumu, mu bategetsi no mu bakire, ntibemera ko amasambu yabo akorwaho bityo hakagabanywa ay'abaturage gusa.

  Ibibazo by' amacakubiri akururwa n' amasambu byagaragaye cyane mu Ntara za Kigali Ngari, Kibungo, Cyangugu no mu Mujyi wa Kigali.

• Amazu

  Muri rusange mu Ntara z'Igihugu icyo kibazo ntikigifite ubukana nk'ubwo mu myaka ishize, ariko kiracyagaragara mu Mujyi wa Kigali aho usanga abahungutse bagisaba amazu yabo arimo abantu bayabohoje kuva muri 1994 kugeza ubu. Abandi baracyiruka inyuma y'amazu yabo yagurishijwe n'ama Banki ndetse n'Ibigo mu buryo bwaba butemewe n'amategeko.

• Amafaranga

  - Ubwambuzi nabwo buracyagaragara cyane cyane hagati y'abantu n'abandi, ndetse no hagati y"abantu n'ama Banki.

• Ibindi bibazo

  - Hari ikibazo cy'ubukene muri rusange mu gihugu hose.

  - Hari ikibazo cy'imyumvire cyerekeranye no kwitiranya icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba n'ibyaha bisanzwe by'intambara.

  - Hari ukudasobanukirwa imikorere y'Umuryango IBUKA n'ikigega cy'abacitse ku icumu.

- Hari ikibazo cy'abarimu basezerewe ku kazi nta nteguza, nta n'imperekeza. Baragira bati : "Abarimu nabo bagengwa n'amategeko nk'abandi bakozi ba Leta. Niyubahirizwe ".

c) Mu rwego rwo gutegura amahugurwa

Muri uru rwego, ishami ryo gukemura amakimbirane ryahawe urutonde rw'amatsinda (groupes cibles - target groups) na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, agomba guhugurwa mu ngamba zinyuranye z'Ubumwe n'Ubwiyunge. Ryahawe kandi gushakira ayo matsinda abarimu babishoboye ari mu rwego rw'Igihugu ari no mu rwego mpuzamahanga hakurikijwe ikigambiriwe.

Muri iki gice, turageza ku basomyi:

(1) Amahugurwa yateguwe kandi agakorwa mu mwaka w'2001.
(2) Icyo yari agamije.
(3) Ibyo amahugurwa yibanzeho.
(4) Imyanzuro yavuyemo.
(5) Ibyifuzo.

(I) Amahugurwa yakozwe.

Kuva tariki 20-23/01/2001 hakozwe amahugurwa yayobowe na Porofeseri Hizikias ASSEFA Umukuru w'Ikigo Nyafurika cyo gukemura amakimbirane gifite icyicaro i Nairobi, muri Kenya. Yitabiriwe na bamwe mu ba Komiseri n'abakozi bakuru ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge bo ku Cyicaro.

Kuva tariki 27 kugeza 30/04/2001, hakozwe amahugurwa y'Abayobozi bahagarariye imitwe ya politiki yemewe mu Rwanda. Buri mutwe wa politiki wasabwaga kohereza abantu bane. Ayo mahugurwa yabereye ku Gisenyi yitabirwa n'abantu 32. Yayobowe na Porofeseri Hizikias ASSEFA.

Kuva tariki 11 kugeza ku ya 13/07/2001, hakozwe amahugurwa y' Abadepite bose mu Ngoro y' Inteko Ishinga Amategeko. Yayobowe na Porofeseri Hizikias ASSEFA.

Tariki 09/07/2001, hakozwe amahugurwa y' abanyamakuru. Yayobowe n'impuguke Dr Ervin STAUB, umwarimu wo muri Kaminuza ya Massachusetts, Campus ya Armherst afatanyije na Dr Laurie PEARLMAN, umukuru wa Trauma Research, Education and Training Institute, Inc. South Widdsor, CI, USA, bombi bo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika.

Kuva tariki ya 11 kugeza ku ya 13/07/2001, hakozwe amahugurwa y' abahagarariye amashyaka, n' imwe mu miryango itagengwa na Leta. Yayobowe n'impuguke Dr Ervin STAUB.

(2) Icyo Amahugurwa yari agamije

Amahugurwa atatu ya mbere yayobowe na Prof. Hizikias ASSEFA. Yari agamije:

Kurebera hamwe ukuntu abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, Abadepite, Abakomiseri n'Abakozi Bakuru ba Komisiyo bagira imyumvire imwe k'urugendo rw'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Gusobanurirwa uburyo rusange bwo gucyemura amakimbirane no gushaka uburyo bunoze bwafasha Abanyarwanda gukemura ibibazo byabo.

Kugena ingamba zifatika zatuma ibyo bahuguwemo bigira akamaro.

Amahugurwa abiri yayobowe na Porofeseri Ervin Staub na Dr Laurie PEARLMAN. Yari agamije ibikurikira:

Amahugurwa y' Abayobozi

1 ° Gusobanukirwa no gucengera amavu n' amavuko y' ubugizi bwa nabi hagati y' amatsinda usanga mu miryango y' abantu, imvo n'imvano y'itsembabwoko, itsembatsemba n' ubushyamirane bidashira, ibitera ihahamuka cyangwa se ihungabana n'uburyo bwo kubikiza.

2° Kuba abayobozi bakuramo ibyabafasha kumva ibyabaye mu Rwanda no gufata ingamba zibafasha ubwabo n' izifasha abandi banyarwanda.

Amahugurwa y'abanyamakuru

1° Gusobanukirwa no gucengera amavu n'amavuko y'ubugizi bwa nabi hagati y'amatsinda usanga mu miryango y'abantu, imvo n' imvano y' itsembabwoko, itsembatsemba n' ishyamirana bidashira. Ibitera ihahamuka cyangwa se ihungabana n'uburyo bwo kubikiza.

2° Itangazamakuru mu Rwanda rikwiye kuba igikoresho gikomeye cyo kurwanya ubugizi bwa nabi.

(3) Icyo ayo mahugurwa yibanzeho

Ku mahugurwa yabereye ku Gisenyi no mu Nteko Ishinga Amategeko, ayobowe na Porofeseri Hizikias ASSEFA, icyibanzweho ni ibiganiro k'umuzi n'umuhamuro w'amacakubiri mu Rwanda.

Harebwaga cyane ingingo zikurikira:
- Ikibazo cy' amoko mu Rwanda
- Ikibazo cy'Ubuyobozi
- Ikibazo cy'Ubwiyunge

- Ikibazo cy'ubutabera

Amahugurwa yo mu Nteko Ishinga Amategeko yibanze no kuri demokarasi. Ayabereye muri Hotel des Mille Collines, ayobowe na Porofeseri Ervin STAUB na Dr Laurie PEARLMAN yibanze ku bikurikira

- Inkomoko y'Itsembabwoko n'itsembatsemba, ishyamirana hagati y'amatsinda mu miryango y'abantu.

- Kwirinda guhangana no kubaka umuryango w'abantu ushyira imbere amahoro.

- Kumenya ihungabana icyo ari cyo, ikiritera n'uko ryakwimirwa.

Ibi byose byagendaga bifata ingero mu Rwanda n'ahandi habaye amahano asa n'ayabaye mu Rwanda.

Imyanzuro y'ingenzi yavuye muri ayo mahugurwa:

a) Amahugurwa yo ku Gisenyi

Abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda bafashe imyanzuro igaragaza uruhare rwabo, banabitangariza Abanyarwanda mu nyandiko muri aya magambo:

"Twebwe Abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda ari yo **FPR, MDR, PSD, PL, PDC, PDI, PSR na UPPR**", duteraniye ku Gisenyi, Hotel Meridien-IZUBA kuva tariki ya 27 kugeza tariki ya 30 Mata umwaka wa 2001, dufashe imyanzuro n'ibyemezo bikurikira:

<u>Imyanzuro ku kibazo cy'amoko</u>

1) Twiyemeje kwirinda gukoresha amoko no kwamagana abayakoresha bagamije inyungu izo ari zo zose.

2) Turasaba Abanyarwanda kwirinda gukoresha amoko no kwamagana abayakoresha bose.

3) Turasaba Guverinoma n'Inteko Ishinga Amategeko kwihutisha gushyiraho itegeko rihana ivangura iryo ari ryo ryose.

4) Turashima ibikorwa Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge imaze kugeraho, kandi turayishishikariza gukomeza kwigisha Abanyarwanda kwirinda amacakubiri no kuyamagana.

5) Twiyemeje gukangurira abayoboke b'imitwe ya Polotiki yacu; kwirinda no kwamagana amacakubiri mu Rwanda.

6) Twiyemeje gutoza Abanyarwanda umuco mwiza, kugira ngo barusheho kugira umutima wa kimuntu.

7) Turasanga abanyapolitiki babi ari bo bashenye iki gihugu. Twebwe Abayobozi b'Imitwe ya Politiki tubabajwe n'ibyabaye, turabisabira imbabazi, kandi tuzaharanira ko bitazongera.

Imyanzuro ku kibazo cy'Ubuyobozi bubi

1) Kubera uruhare runini Imitwe ya Politiki igira mu miyoborere y'Igihugu, turasanga ari ngombwa ko hakwihutishwa gushyiraho amategeko mbonezabupfura "Code de conduite politique" agenga Abanyapolitiki n'Imitwe ya Politiki.

2) Turasaba Guverinoma gukomeza gushyiraho ingamba zo kugira ngo abaturage barusheho kugira uruhare mu miyoborere y'Igihugu.

3) Twasanze demokarasi ari bwo buryo bwiza bwo kuyobora Igihugu. Twasanze demokarasi iha abaturage uruhare rusesuye mu bigomba gukorwa mu izina ryabo.Twasanze uburyo urwo ruhare rugerwaho bugenda butandukana, igihugu ku kindi. Twiyemeje gushakira hamwe uburyo bubereye Igihugu cyacu.

4) Abari mu nama twasanze ubuyobozi buhuriweho n'Imitwe ya Politiki ari uburyo bwiza bwo kuyobora Igihugu cyaranzwe n'amacakubiri. Abari mu nama twishimiye ibyo Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yatugejejeho, Twiyemeje gukomeza kuyishyigikira.

Imyanzuro ku kibazo cy'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda

Twasanze tugomba:
Kwisuzuma by'ukuri no kwiyunga n'umutimanama wacu.
Kwatura tukavugisha ukuri ku buryo busesuye.

3) Kwihana tubikuye ku mutima.
Kwiyemeza kudasubira mu byaha.
Gusaba imbabazi

Gusaba imbaba z'ibyaha twakoze ku giti cyacu (péché par action);
Gusaba imbabazi z'ibyo twirengagije gukora (peche par omission);
Gusaba imbabazi z'ibyaha byakozwe mu izina ryacu.

6) Twiyemeje gutanga imbabazi igihe tuzisabwe.

7) Twiyemeje guhamagarira buri munyarwanda gukora ibyo bikorwa bitandatu.

8) Twiyemeje kubaka Igihugu cyacu.

9) Turasaba Abanyarwanda bose ndetse n'Abanyamahanga, kugira uruhare mu nzira y'Ubumwe n'Ubwiyunge twatangiye.

Imyanzuro ku kibazo cy' ubutabera:

1) Abari mu nama twiyemeje gushyigikira ubutabera bugamije ubwiyunge, buca umuco wo kudahana (guhana icyaha, kutongera kugikora, gutanga indishyi ..) kandi bwubaka imibanire myiza y'Abanyarwanda (kugorora, kunga mu muryango w'Abanyarwanda).

2) Kubera uburemere bw'iki kibazo, abari mu nama twiyemeje ko habaho indi nama yaguye, ihuriwemo n'inzego z'ubuyobozi:

- Ihuriro ry'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda
- Guverinoma y' Ubumwe bw' Abanyarwanda
- Komisiyo z'Inteko Ishinga Amategeko zirebana n'iki kibazo
- Urukiko rw'Ikirenga
- Izindi nzego zirebana n'icyo kibazo.

b) Amahugurwa yabereye mu Nteko Ishinga Amategeko. Mu myanzuro yabo, Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko baragira bati:

<u>Ku kibazo cy' amoko</u>

1) Twasanze abayobozi bamwe bibona mu moko kurusha uko bibonamo "Ubunyarwanda".

2) Amoko akoreshwa nabi n'ababifitemo inyungu.

Abanyarwanda bavukijwe uburenganzira bwabo hakoreshejwe amoko.

<u>K'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda.</u>

1) Twasanze Ubumwe n'Ubwiyunge ari yo nkingi Abanyarwanda bashingiraho mu kubaka Igihugu cyabo, kandi bureba buri wese.

2) Twasanze Ubumwe n'Ubwiyunge ari inzira isaba ubutwari kuri buri munyarwanda, ariko cyane cyane kuri twe abayobozi.

3) Twasanze Ubwiyunge bugomba kuba hagati y'umuntu n'umutimanama we, Imana, n'abo babana buri gihe, ndetse n' ibidukikije.

Ku Buyobozi.

1) Abayobozi bamwe bitabiriye politiki bayifiteho imyumvire mibi bituma bayifata nk'uburyo bwo kubona indonke zabo bwite, gusumbya guharanira inyungu z'abo bayobora.

2) Igihugu cyacu cyaranzwe n'ubuyobozi bubi butigeze bwumvikana ku cyerekezo buganishamo Abanyarwanda.

3) Abayobozi bayoboraga badashingiye ahanini ku nyungu z'Abanyarwanda, barabaye ibikoresho kuko batari bafite ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere.

Ku kibazo cy' ubutabera.

1) Twasanze ubutabera ari inzira ya ngombwa iganisha k'Ubumwe n'Ubwiyunge.

2) Twasanze tugomba guharanira ubutabera bugamije ubwiyunge, bushingiye ku guhana icyaha, gutuma icyaha kidasubirwa, gutanga indishyi ku bavukijwe uburenganzira bwabo, kugorora no gusana umuryango nyarwanda.

Ku kibazo cya demokarasi

1) Imyumvire ya demokarasi yashingiye ku moko no ku turere aho gushingira ku bitekerezo bikemura ibibazo nyakuri by' abaturage.

2) Abanyarwanda bumvise demokarasi nk'ubwinshi bw'amashyaka hatitawe k'uruhare rw'abaturage mu kwicyemurira ibibazo. Ibyo byatumye hataba imibanire myiza igamije iterambere.

c) Amahugurwa yabereye muri Hotel des Mille Collines.

Imyanzuro ku buryo bwo gukumira itsembabwoko n'andi makimbirane:

- Kwandika amateka nyayo no kuyigisha nta kubogama.

- Kumvisha Abanyarwanda ko ari inshingano zabo zo gukumira ingamba izo ari zo zose zigamije itsembabwoko.

- Gushimangira ubutabera buhana, burera kandi bwunga.

- Gutegura neza no gushyigikira Inkiko Gacaca kugira ngo zishobore kugera ku nshingano zitegerejweho; aha hifujwe ko ikibazo cy'ihungabana ubu kiriho ariko kandi gishobora kongera ubukana mu manza za Gacaca, ko cyakwitabwaho by'umwihariko.

- Kurwanya byimazeyo ibitekerezo bihembera ivangura n'akarengane ako ari ko kose.

- Kwamagana byimazeyo abantu bagamije gutesha abandi agaciro.

- Gukangurira abaturage uruhare rwabo mu buyobozi n'uburenganzira bwabo bituma batishisha abayobozi babo.

(5) Ibyifuzo

-Abari mu nama bifuje ko amateka yakwandikwa vuba kugira ngo atangire kwigishwa, Abanyarwanda bose bumve ko itsembabwoko n' itsembatsemba ari amahano kuri bose, ko bakwiriye kwitabira ingamba zigamije kutazasubira mu itsembabwoko.

-Abayobozi b'ingeri zose bakwiye gutanga ingero mu Nkiko Gacaca, bavuga ukuri ku byo babonye n'ibyo bazi no kwirinda kugira indimi ebyiri nk'uko bamwe babigaragaza.

- Kwihutisha ishyirwaho ry' ikigega cy' indishyi.

- Hifujwe kandi ko hakorwa ibishoboka byose kugira ngo inzibutso z' itsembabwoko zibeho kandi zishyigikirwe no mu rwego mpuzamahanga.

- Abari mu nama bifuje kandi ko umuryango mpuzamahanga wagira uruhare rufatika mu gusana umuryango nyarwanda.

- Abari mu nama barashimira Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge. Barashimira kandi abarimu Dr.STAUB Ervin na Dr.Laurie Anne. Barifuza ko bene izi nama nyungurana bitekerezo zakorwa kenshi, kandi mu ngeri zinyuranye z' Abanyarwanda.

II.2.4. Ibyakozwe mu Ntara

Mu bikorwa byakorewe mu Ntara hari ibikorwa usanga bahurizaho bose n'ibyo usanga ari umwihariko w'Intara.

a) Ibikorwa Intara zihurizaho

Gukurikirana amatora y'Abayobozi b'Uturere n'Imijyi n'amatora y'Inyangamugayo. Muri ayo matora hakurikiranwaga kureba niba hari ibibazo by'ivangura cyangwa se by'amacakubiri. Nta byagaragaye bikomeye, uretse aho abakandida bamwe na bamwe wasangaga basebanya.

- Nta kintu na kimwe cyagaragaye muri ayo matora cyabangamira Ubumwe n'Ubwiyunge by'Abanyarwanda.

- Gusobanura uruhare rw'Inkiko Gacaca mu Bumwe n'Ubwiyunge mu manama anyuranye.

- Gukurikirana ibitera amakimbirane, ibigaragara mu Ntara bikubiye mu ncamake twabagejejeho mu gice cya kabiri cy'iyi raporo.

b) Ibikorwa by'umwihariko w'Intara

Mu Ntara za Kibuye, Cyangugu na Butare habaye ibiganiro byagenewe abagororwa n'abacitse ku icumu, bigamije kubategurira kwiyunga.

Mu Ntara ya Kibuye abantu bageze 430 basabye imbabazi. Abazitanze ni 20.

Mu Ntara ya Cyangugu habaye amahugurwa y'abacitse ku icumu bahagarariye abandi, agamije kuganira ku mbabazi. No mu Ntara ya Gikongoro byarabaye. Abacitse ku icumu ubu barindiriye guhuzwa n'abo basaba imbabazi.

Mu Ntara ya Kigali Ngari, hari ibikorwa bibiri bikuru byibanzweho:
- Guhuza abantu basaranganyijwe amasambu mu rwego rwo kumva ibibazo byaba birimo. Ibibazo bikuru byagaragaye ni bibiri:
- Ikibazo cy'abahawe amasambu ntibayaturemo.
- Ikibazo cy'abayahawe bakagurisha.
- Guhugura abakangurambaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge mu bumenyi bwo gucyemura amakimbirane.

Intara ya Gisenyi yakoresheje ibiganiro byagenewe abanyamadini, bigamije kwirinda amacakubiri. Gisenyi yitabiriye kandi guhosha amakimbirane y' abacitse ku icumu n'ubuyobozi bwa Kageyo n'andi makimbirane hagati y'Ubuyobozi mu Turere twa Nyagisagara, Kanama, Gasiza, Kayove, Muhira na Cyanzarwe.

Mu Ntara ya Gitarama hibanzwe ku mahugurwa m'ubumenyi bwo gucyemura amakimbirane bukorewe abanyamadini.

Intara ya Gitarama kandi yihutiye guhosha amakimbirane yari yavutse ku kigo cy'ishuri rya Ruyanza, amakimbirane ashingiye ku ivangura.

Gitarama na Gikongoro basuye za gereza na za Kasho mu rwego rwo kuganirira abagororwa k'Ubwiyunge.

Ibibazo byagaragaye ni ibi:

- Ubutabera butinda
- Impungenge z' umutekano w' abarekuwe muri gereza.
- Impungenge ku bazashinja mu Nkiko Gacaca.

Icyitonderwa

Mu rwego rwo guhosha no gukemura amakimbirane abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu Ntara bafatanya n'Ubuyobozi bw'Intara.

Ibindi bikorwa byitabiriwe n'abakozi b'Ishami

- **Amahugurwa**

Insanganyamatsiko	**Aho yabereye**	**Icyo yari agamije**	**Icyo twayavugaho**
Uburyo bw'ubushakashatsi (Recherche quantitative)	Butare Université 12-03-2001	Kunguka ubumenyi muri urwo rwego	Nta musaruro munini kuko icyongereza cyari gihanitse.
Kwegeranya amakuru ku burenganzira bw' ikiremwamuntu.	Ambassade y'Abanyamerika 20/03/2001	Kunguka ubumenyi	Nta musaruro munini kuko icyongereza cyari gihanitse.
Igenamigambi ry'ibanze n' amabwiriza yo gutegura ingengo y' imari.	Hotel des Mille Collines Kigali 9-13/04/2001	Kunguka ubumenyi	Byadufashije gutegura gahunda y'Ishami ryo Gucyemura amakimbirane
Uko iyobokamana, imibereho n'amategeko bimeze mu magereza makuru.	Kigali - Centre Christus 27/02/2001	Kureba ko abagororwa batihebye burundu.	Ntibihebye cyane. Hasabwe ko Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yasura za gereza.

Gutegura gahunda y' ibikorwa by' imyaka Itatu (2002-2004)	Kabusunzu	Kunonosora iyo gahunda	Byadufashije kwiherera no gukusanya ibindi bitekerezo.
Kuganira ku mbabazi	Gikongoro Cyangugu	Kuganira n' abacitse ku icumu ibirebana n' imbabazi ababiciye ba basaba	Bikwiye guterwa inkunga cyane.
Imvugo n' amakimbirane (Communication et Violence)	Kigali	Kwerekana uruhare rw'imvugo itanoze mu makimbirane.	Bifasha gusobanura uburyo imvugo sisesezereza ari Intandaro y'amakimbirane

- **Ibiganiro by'itabiriwe:**

Ibiganiro bigamije	**Aho byabereye**	**Icyo bigamije**	**Icyo twabivugaho**
Gutegura icyumweru cy'icyunamo	Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo Umuco Inteko Ishinga Amategeko	Kwibuka itsembabwoko n'itsembatsemba byabaye mu Rwanda muri 1994.	Abantu ntibitabiriye ikiganiro cyane
Inkiko Gacaca	Nyanza (Butare) Kabusunzu	Kuganira ukuntu Gacaca yakumvikana kurushaho. Kuganira ku gitabo kirebana na impuguke zari zabahaye.	Gutegura no gusobanura neza uruhare rwa Komi siyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge muri Gacaca.
Gutegura inama ku kw'ivangura izabera i Durban muri Afurika Y'Epfo	Inteko Ishinga Amategeko.	Kwegeranya ibitekerezo intumwa z'u Rwanda zizajyana muri iyo nama y' i	Hatanzwe ibitekerezo byiza

		Durban.	
Uburenganzira bw' ikiremwamuntu	- Kabusunzu - Gitarama	Kwigisha abakangurambaga ba Liprodor uburenganzira bw'ibanze bw' ikiremwamuntu	Hatanzwe ikiganiro cyerekana "Aho Ubumwe n'Ubwiyunge bihurira n'uburenganzira bw' ikiremwamuntu".
Politiki y'Ubumwe N'Ubwiyunge hiryo no hino.	Mille Collines yateguwe na GTZ / Leta y'Ubudage	Abayobozi bakuru b'inzego zinyuranye bunguranye ibitekerezo.	Isomo twavana mu mateka y'Ibihugu byagize ibibazo bijya gusa n'ibyacu.
Inama na Coexistence Network	Kiyovu yateguwe na GTZ / Leta y'Ubudage	Kungurana ibitekerezo ku nzego zirebwa n' ibyo gukemura amakimbirane.	Bikwiye gukurikiranwa.
Inamampaka ku muco wo kwimakaza amahoro	Peace House	Gutegura ikarita iranga aho buri wese akorera n'icyo akora	Biradufasha mu by'ubwuzuzanye.
Ikiganiro na bamwe mu bakuru b' Ingabo	Gako Gabiro	Guhugura ingabo Guhugura ingabo	Hatanzwe ikiganiro k' Ubumwe n'Ubwiyunge.
Gutanga ibiganiro mu ngando	Mu Ntara zose z'Igihugu	Gusangira no guhuza Ibitekerezo.	Hatanzwe ibiganiro ku mateka, ubuyobozi, ubukungu, umutekano n' imibereho myiza
Gusura gereza	Kibuye	Gukangurira abagororwa uruhare rwabo m'ubumwe	Kubasura kenshi byagira akamaro
Gutegura umunsi mpuzamahanga w'ubworoherane	Muramba - Gisenyi	Kwibuka ubutwari abanyeshuri b'i Muramba bagize banga kwitandukanya ubwo baterwaga	Ubworoherane ni imwe mu nzira y'Ubwiyunge.

		n' abacengezi.	
Kuganira ku ma "films, interviews, Network ikora k' Ubutabera	Kigali	Kungurana ibitekerezo kuri films zerekana icibwa ry' imanza Arusha no mu Rwanda	Hari gahunda yo kwerekana ayo ma films mu giturage, ariko ngo hari ibigomba kubanza gukosorwa
Ikiganiro "societe et prejuges" (ugenekereje bisoba-nuye "Umuryango n' urwikekwe mu Bantu".	Kigali Institute of Education, Kigali	Kureba ingaruka za "Prejuges" mu Rwanda.	Byafashije Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge kongera kugaragaza ikibazo cy' amoko mu Rwanda.
Gutegura umunsi w'isuzumabikorwa	Byumba n'Umutara.	Gusuzuma intambwe Ubumwe n'Ubwiyunge bimaze gutera, n' inzitizi zigihari.	Kuba haragaragajwe ko hari ibyo Komisiyo yagezeho, byaduteye inkunga ikomeye
Abanyarwanda baba mu mahanga	Mu Nteko Ishinga Amategeko	Insanganyamatsiko yari imwe : "Ese Umunyarwanda uba mu mahanga yamarira iki Igihugu cye? Ese Igihugu cyo cyamumarira iki?	Iyo nama yateguwe na "Rwanda Southern African Alliance" ishyirahamwe ry'Abanyarwanda baba muri Afurika y'Epfo ribifashijwemo na Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, na Minisiteri y'Ububanyi n' Amahanga n' Ubutwererane bw'Akarere.Yabaye ingirakamaro.

d) Ingorane

- Inshingano z'iri shami ntizisobanutse k'uburyo usanga n'izina ubwaryo riremereye, umuntu akaba yakwibaza ku nshingano (mission) no ku bushobozi (competence) bwaryo.

Urugero:

Itegeko rishyiraho Komisiyo mu ngingo yaryo ya 3, umurongo wa 9 ivuga ko Komisiyo igomba gukurikiranira hafi ibikorwa bya Leta, iby'amadini, amashyaka, amashyirahamwe n'abantu bikorera ku giti cyabo, kugira ngo bitabangamira Ubumwe n'Ubwiyunge.
Ntabwo byakorohera Komisiyo kugenzura Leta kandi ari ishami rya Leta. Indi ngorane ni uko iryo shami ritagira abakozi bahagije bahugukiwe n' inshingano ryahawe.

e) Ibyifuzo

- Inshingano z'iri shami zikwiye kongera kwigwaho n'inzego zishinzwe politiki y'Ubumwe n'Ubwiyunge, zikanonosorwa, bityo bigatuma abakozi badahora mu gihirahiro, bashakisha nk'aho nta murongo wa politiki cyangwa nta gahunda ihamye ishami rigenderaho.

- Iri shami rikwiye guhabwa abakozi babifitiye ubumenyi n'ubushobozi bihagije.

- Hasobanurwe neza imikoranire ya Komisiyo n'izindi nzego nka Gacaca, Komisiyo y'Itegeko Nshinga, Komisiyo y'Uburenganzira bw'ikiremwamuntu, Impuzamashyirahamwe y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, y'Abacitse kw'icumu, n'izindi nzego .

f) Umwanzuro

- Amakimbirane ni ikintu gisanzwe mu muryango w'abantu. Icya ngombwa ni ukumenya kubana n'ayo makimbirane kandi k'uburyo adahungabanya ubuzima bwa buri munsi bw'abantu, ibintu ndetse n'ibidukikije muri rusange.

- Uruhare rwa Komisiyo mu gukemura amakimbirane ntabwo ari urwo gusimbura inzego zibishinzwe ari iz'umutekano, ari iz'ubutabera cyangwa njyanama mu burenganzira bw' ikiremwamuntu, ubworoherane no kubana mu mahoro.

- Uruhare rwa Komisiyo ruboneka mu kwigisha no kugira inama, no gukurikiranira hafi igipimo cy'Ubumwe n'Ubwiyunge dukora isuzumabikorwa rya buri gihe, dushyira ibyiza n'ibibi ahagaragara, byose bigamije kwikosora no kubaka Igihugu cyacu mu mahoro.

II.3 ISHAMI RISHINZWE GUSHYIGIKIRA IBIKORWA RUSANGE BY'ABATURAGE

II.3.1. Iriburiro

Ikimara kujyaho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yahise yegera abaturage kugira ngo bayigire inama bayibwire uko bumva Ubumwe n'Ubwiyunge, baganire kubitera amacakubiri, n'uburyo byakemurwa.

Mu bibazo by'ingutu byavuzwe, harimo icy'ubukene buterwa no kutagira gahunda no gutatanya imbaraga, buri wese yigunga mu dukorwa twe.

Komisiyo kandi, yasanze Abanyarwanda ubwabo baratangiye ibikorwa byiza bibahuza kandi bikabafasha gukemura ibibazo by' ubukene n' iby' imibanire yabo.

Mu batangije ibyo bikorwa bishyigikiye ubumwe n'ubwiyunge harimo abantu ku giti cyabo, amashyirahamwe, impuzamashyirahamwe, imiryango itegamiye kuli Leta, abanyamadini n'abandi. Mu gushyigikira ibyo bikorwa, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yashyizeho Ishami ryihariye.

II.3.2. Inshingano

- Kumenya, kumenyekanisha no gushyigikira ibikorwa by'abaturage n' imiryango itegamiye kuli Leta, biteza imbere Ubumwe n' Ubwiyunge bishingiye ku gukemura ibibazo by'imibereho ya buri munsi y'Umunyarwanda.

II.3.3. Imiterere n'ibikorwa by'ishami

- **Imiterere**

Ishami ryo Gushyigikira Ibikorwa rusange by'Abaturage rigizwe by'agateganyo n'udushami tubiri:

1. Agashami gashinzwe ibikorwa rusange by'abaturage.

2. Agashami gashinzwe guhuza ibikorwa by'Imiryango itegamiye kuri Leta n'ibya Leta bishyigikira amajyambere.

- **Ibikorwa**

Mu mwaka ushize (2001) dufatanije n'impuguke yavuye mu gihugu cya Canada (Consultant), twibanze ku kunonosora imiterere y' Ishami n' ibikorwa by'ingenzi ishami rizibandaho, mu myaka itatu iri imbere (2002 - 2004). Ibyo bikorwa n'ibi bikurikira ;

a) Gushakisha ibikorwa by'abaturage bishyigikira Ubumwe n'Ubwiyunge.

Ibi bikorwa byatangiye kugaragara mu Ntara zose, ibyinshi bikaba byaranasuwe. Tuzakomeza icyo gikorwa twifashishije ubuyobozi bw'ibanze n'abakangura mbaga b'ubumwe n'ubwiyunge, babifashijwemo n'abakozi ba Komisiyo mu Ntara. Ibyo bikorwa bizashyirwa ku rutonde ruzahora rwongerwa uko bizajya bigenda bigaragara.

Abakora cyangwa abashyigikira ibikorwa by'intanga rugero bazashyirwa ku ikarita y'Urwanda, handikwe n'agatabo gasobanura ibyo bikorwa, aho bikorerwa n'akamaro kabyo.

b) Kuba umuhuza w'ibikorwa bishyigikira Ubumwe n'Ubwiyunge.

Ishami rizagerageza guhuza abakora ibyo bikorwa kugira ngo bamenyane, bungurane inama, boye gukora bimwe babikorera abantu bamwe n'ahantu hamwe, kuko ibyo bituma ingufu zitatana, ndetse igihe n'amafaranga bigatagaguzwa. Byongeye kandi iyo ibikorwa by'amajyambere bidasaranganyijwe neza mu Turere twose tw'Igihugu havuka amakimbirane, maze aho gukemura ibibazo, hakavuka ibindi.

c) Gukorana n'inzego z'ubuyobozi bw'ibanze, CDC, n'abashinzwe kurwanya ubukene.

d) Gutegura amahugurwa ku byerekeye ubumwe n'ubwiyunge kugira ngo abakora ibyo bikorwa bagire imyumvire imwe y'ubumwe n'ubwiyunge, bashobore no gutanga izo nyigisho.

e) Kwita ku bibazo by'abasigaye inyuma (Abatwa n'abandi), n'imiryango y'abatishoboye k'uburyo bw'umwihariko. Ibi bizashoboka ari uko tumenye aho bari, tukamenya ibibazo byabo, bityo tugashobora no gukangurira abandi bose bafite ibikorwa by'amajyambere mu nshingano zabo, bakagira n'ubushobozi, kubitaho by'umwihariko.

f) « Jumelage

Gushyigikira umubano hagati y'Uturere n'utundi, Intara n'izindi, Intara z'u Rwanda, n'izo mu bihugu by'amahanga kugira ngo basabane, bahahirane, bamenyane, kandi bafatanye gukemura ibibazo byabo.

II.3.4 Ibikorwa by'abaturage byagaragajwe, ibyasuwe n'ibyatewe inkunga

Muri ibyo bikorwa harimo ibyagaragajwe mu mwaka w'i 2000 bikemererwa inkunga ariko iyo nkunga ikaba itaraboneka. Harimo n'ibyahawe inkunga, hakabamo n'ibindi bishya byasuwe n'ibitarasurwa

INTARA YA CYANGUGU

Ishyirahamwe	Akarere	Ibyo bakora	Abasuwe	Bakeneye Frw	Bahawe
AJENI Abanyamuryango 41	Bukunzi	-Kubakira abatishoboye -Gucuruza - Ubuhinzi/Bworozi -Kubaka amashuri n'ibindi -Gukangurira abaturage ubumwe n'ubwiyunge	Basuwe na Komisiyo Kigali, Cyangugu na Catholic Relief Services	1.000.000	1.000.000 yo kugura amabati y'amazu 4 y'abatishoboye no gucuruza inyongera musaruro. Yatanzwe na CRS
Duhuze imbaraga Abana bibana 41	Gatare	Bazigishwa imyuga y'ubudozi n'ububaji	Basuwe na Komisiyo Kigali Cyangugu na Catholic Relief Services	1.189.900	1.189.900 yo kugura ibikoresho by'ububaji n'ubudozi. Yatanzwe na CRS.
Tuzamurane Vetarans (Abasezerewe mu Ngabo z'igihugu	Impala	Bararirimba, bagahinga, bagasabana, bakaganira k'ubumwe n'ubwiyunge	Basuwe na Komisiyo Cyangugu, Kigali na CRS	2.250.000	2.250.000 yo kugura ubwato, indobani n'ibindi bikoresho. Yatanzwe na CRS

Ngirankugire Vetarans (Abasezerewe mu Ngabo z'igihugu	Umujyi wa Cyangugu	Kuroba amafi kuganira k'ubumwe n'ubwiyunge no gusabana	Basuwe na Komisiyo Cyangugu, Kigali na CRS	2.250.000	2.250.000 yo kugura ubwato, indobani n'ibindi bikoresho. Yatanzwe na CRS
Abana Abana bo mu miryango b'abatwa 167 yasigaye inyuma. Abana	Gatare na Gashonga	Bagurira abana b'abatwa imyenda n'ibikoresho by'ishuri mu gihe cy'umwaka umwe. Abana 3 bari mu mashuri yisumbuye mu mwaka wa 3 n'uwa 5	Basuwe na Komisiyo Cyangugu, Kigali na CRS	798.000	798.000 yo kugura imyambaro n'ibikoresho by'ishuri. Yatanzwe na CRS

Icyitonderwa

- Ikibazo cy'abatwa muri Cyangugu kitaweho cyane. Bwana Nyabyenda Thomas niwe ubahagarariye, arabasura, akagaragaza n'ibibazo bafite. Mu bibazo bikuru bafite, harimo:

  - Kutagira amasambu n'amazu
  - Ubujiji
  - Ubukene no kutagezwaho inkunga zihabwa abatindi nyakujya.

- Akarere ka Gatare gafite umushinga wihariye wo kwita ku bibazo by'Abatwa.

- Muri Cyangugu Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifatanyije n'indi miryango ihakorera nka Help age, Amadini na za Komisiyo zindi zinyuranye, barasuzumira hamwe gahunda yo kuzamura abanyarwanda basigaye inyuma mu majyambere.

Intara ya Kibuye

Kibuye ni Intara yagize amahirwe yo kubona inkunga. Catholic Relief Services yabanje kubatera inkunga, bafite none ubu inkunga yab'Abasuwisi, ku buryo ibikorwa byabo bigenda neza. Ibyagezweho ni ibi bikurikira:

Ishyirahamwe	Akarere	Ibyo bakora	Abasuwe	Bakeneye Frw	Bahawe
Turere Babyeyi	Rusenyi ahahoze ari Rwamatamu	Ikigega cy'imfubyi n'abana batishoboye	Basuwe na Komisiyo Kibuye, Kigali na CRS	350.000 yo kurihira abana 26 ishuri	Ntankunga bari bahabwa
Twubakirane	Rusenyi (Rwamatamu)	-Bubakiye abatishoboye babumba rukarakara baranazubaka	Basuwe na Komisiyo Kibuye, Kigali na CRS	1.500.000	1.500.000 yatanzwe na CRS
A.T.D. -Abasezerewe mu ngabo -Abana bo mu mihanda "mayibobo" Abaturage	Umujyi wa Kibuye	-Basukura umujyi wa Kibuye; -Bakora isuku mw'isoko, bikorera imizigo, bapakira kandi bagapakurura imodoka n'amato	Basuwe na Komisiyo Kibuye, Kigali na CRS	414.000	414.000 yo kugura ibikoresho by'isuku n'ingorofani yatanzwe na CRS
TOTAL	-	-	-	-	**1.914.000**

Hari umushinga w'abagororwa bubakira abacitse kw'icumu bakeneye amabati, inzugi, n'imiryango. Twawugejeje kuri CRS, dutegereje igisubizo cyabo.

Ku nkunga y'umushinga w'ubutwererane n'Abasuwisi, abakangura mbaga 204, bahuguriwe kwikorera imishinga icirirtse, bahugurirwa n'Ubumwe n'Ubwiyunge.

Hari kandi amafaranga y'amanyarwanda 4.500.000 Frw azahabwa ishyirahamwe rizaba irya mbere mu Karere mu bikorwa by'Ubumwe n'Ubwiyunge.

INTARA YA KIGALI NGARI

Muri Kigali Ngari, habonetse imishinga ibiri gusa yatewe inkunga na Catholic Relief Services. Hakozwe urutonde rw'amashyirahamwe. Twatangiye kuyasura, nk'uko bigaragara k'umugereka. Imiryango itegamiye kuri Leta ikorera muri Kigali Ngari nayo yarabaruwe, ariko ikorana na Komisiyo ni ibiri gusa, ariyo ADP na ASOFERWA.

Ishyirahamwe	**Akarere Ibyo bakora**	**Ibyo bakora Abasuwe**	**Abasuwe**	**Bakeneye Frw**	**Bahawe**
Wisubirawaje -Abarimu 5 -Abanyeshuri 30	Nyamata	Abarimu n'abana bo mu ishuri bo mu mashuri abanza batangiye igikorwa cyo kwandika udukarita tw'amahoro baranadutanga	Basuwe na Komisiyo Kibuye, Kigali na CRS	762,700	762,700 yamahugurwa no kugura ibikoresho. Yatanzwe na CRS
Abishyizehamwe -Abategarugori	Nyamata	Barahinga bakorora	Basuwe na Komisiyo Kibuye, Kigali, CRS	631,000	631,000 yo kugura isambu, ibikoresho, imbuto n'ifumbire. Yatanzwe na CRS..
TOTAL	-	-	-	-	**1.393.700**

INTARA YA BUTARE

Ishyirahamwe	**Akarere**	**Ibyo bakora**	**abasuwe**	**Bakeneye Frw**	Bahawe
Abunzubumwe	Karama	-Ubuhinzi n'ubworozi. -Barahuguwe mu mikorere ya "DELTA" bakora ubukangura-mbaga bw'ubumwe n'ubwiyunge. -Bateranya amafaranga yo kuriha amashuri y'abana	Komisiyo Butare, Komisiyo Kigali na Catholic Relief Services	553.800	553.800 yatanzwe na Catholic Relief Services
Tuzamurane	Karama	-Ubuhinzi n'ubworozi -Barahuguwe mu mikorere ya 'Delta' -Bakoraga ubukangurambaga mu majyambere, n'ubumwe n'ubwiyunge	Komisiyo Butare, Komisiyo Kigali na Catholic Relief Services	201.300	201.300 yatanzwe na CRS

INTARA YA GIKONGORO

Muri Gikongoro hakozwe ibarura ry'amashyirahamwe ashyigikiye ubumwe n'ubwiyunge, ariko ibarura ntiriarangira. Muri ayo mashyirahamwe harimo rimwe ryubakira abatishoboye, ryasabiwe inkunga ya 1.500.000 Frw; ariko iyo nkunga ntiraboneka. Uwo mushinga twawushyikirije Catholic Relief Services, turacyategereje igisubizo. Irindi shyirahamwe ry'abasikuti rikeneye inkunga ya 330.000 Frw. Nayo ntiraboneka. Habaruwe kandi imiryango itegamiye kuri Leta, ishyigikiye Ubumwe n'Ubwiyunge.

Imiryango itegamiye kuri Leta ikorana na Komisiyo mu Ntara ya Gikongoro.

Umuryango	**Akarere ukoreramo**	**Ibikororwa by'ubumwe**	**Ibyo bafashijemo**
World Vision - ADP	-Umujyi wa Gikongoro -Nyaruguru -Mudasomwa -Karaba	-Amarushanwa mu rwego rw'imyidagaduro igamije ubumwe n'ubwiyunge. -Amahugurwa abantu b'ingeri zose. -Kubaka amashuri y'abana	-Twakoranye nabo mu kugaragaza itorero 'Isangano' mu mbyino, indirimbo, imivugo bikangurira abantu ubumwe n'ubwiyunge. -Amahugurwa yateguwe ni ay'abakangura mbaga b'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abarimu muri Nyaruguru, ay'abahagarariye inzego z'abari n'abategarugori mu Mujyi wa Gikongoro. -Bariho barubaka amashuri y'abana mu mujyi wa Gikongoro. Hariho n'ibindi bikorwa biri muri Mudasomwa na Karaba
RAPI	-Nshili -Nyaruguru -Mushubi -Kaduha -Umujyi wa Gikongoro	-Ubuhinzi, ubworozi, n'ibindi. Baracyari bashya ariko baraduteganyiriza byinshi umwaka utaha. -Inyigisho zatanzwe hose muri za gereza na za Kasho.	Baduhaye ibikoresho by'abana batari barashoboye kujya mw'ishuri kubera amikoro make. -Gukangurira abagororwa kwihana, kwirega no gusaba imbabazi.

II.4. ISHAMI RY'ITUMANAHO

II.4.1 Ibyakozwe

Muri rusange, iri Shami ryashyizweho mu rwego rwo kumenyekanisha Komisiyo no guha urubuga Abanyarwanda ndetse n'abanyamahanga rwo gutanga ibitekerezo no kungurana inama k'Ubumwe n'Ubwiyunge. Hakaba hari bikorwa by'ingenzi bikurukira iri Shami ryagezeho muri uyu mwaka w'2001.

1. Ikinyamakuru cya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge

Iki Kinyamakuru gisohoka rimwe mu gihembwe. Kigamije kugeza ku Banyarwanda n'abanyamahanga inshingano za Komisiyo kimwe n'ibikorwa by'ingenzi igenda igeraho. Abanyarwanda n'abanyamahanga bakaba nabo bashobora guha Komisiyo ibitekerezo n'inama babinyujije muri iki kinyamakuru.

Kuva mu ntangiriro z'uyu mwaka w'2001, icyo kinyamakuru gihitisha inyandiko mu ndimi eshatu : ikinyarwanda, igifaransa n' icyongereza mu gihe cyatangiye cyandika mu kinyarwanda gusa.

2. Guteza imbere imikoranire ya Komisiyo n'Itangazamakuru rya Leta n'Iryigenga

Komisiyo isanga itangazamakuru rifite uruhare runini mu kumenyekanisha ibikorwa igenda igeraho no kuba urubuga runyuzwamo ibitekerezo bihabwa Komisiyo. Bityo, Ishami ry'Itumanaho rikurikirana ibikorwa binyuranye bya Komisiyo rikanyuza inyandiko zivuga ibyo bikorwa mu binyamakuru bizwi kandi bikorera mu gihugu. Komisiyo ikorana kandi ibiganiro n'abanyamakuru baba aba Leta cyangwa abigenga. Ubu bakaba bigaragara ko itangazamakuru ryahagurukiye gukurikirana no gutangaza ibikorwa bya Komisiyo.

3. Ibiganiro kuri Radiyo ya Televiziyo by'u wanda

Hatangwa ikiganiro kuri Radiyo Rwanda buri wa kabiri kuva saa moya n'igice kugera saa mbiri za nimugoroba (19h30- 20h00). Mbere icyo kiganiro cyatangwaga n'umunyamakuru wa ORINFOR.

Kuva muri Kanama 2001, cyatangiye gutangwa n'umunyamakuru wa Komisiyo ubu ariko akaba yarasezeye ku kazi ku mpamvu ze bwite, kuva m'Ugushyingo 2001.

Mu rwego rw'imikoranire myiza hagati ya Komisiyo n'Itangazamakuru, TVR na Radiyo Rwanda byakurikiraniye hafi kandi bitangaza ibikorwa bya Komisiyo. Komisiyo yanakoresheje ibiganiro binyuranye kuri Radiyo Rwanda no kuri TVR. Gusa kugeza ubu Komisiyo ntirashobora kugira ikiganiro gihoraho kuri TVR. Haracyashakishwa ingengo y'imari y'icyo kiganiro kubera ko gihenda cyane.

4. Gutanga amakuru binyuze kuri « internet

Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite « web site » ariyo www.nurc.org.rw. Hashyirwaho amakuru anyuranye arebana na Komisiyo. Haracyakenewe umukozi ujijukiwe n'iryo tumanaho rya gihanga kugira ngo "web site" ya Komisiyo irusheho gukora neza .

5. Icyumba cy'isomero rya Komisiyo

Komisiyo yatangiye gutunganya icyumba cy' isomero ryayo.Ubu habonekamo ibitabo byanditswe vuba bivuga ku mateka y' u Rwanda no kuri aka Karere k'Ibiyaga Bigari. Hanabonekamo inyandiko zinyuranye zohererezwa Komisiyo ziturutse mu bindi bigo byaba ibyo mu Rwanda cyangwa ibyo mu bindi bihugu.

6. Gutegura gahunda y'imyaka itatu y'ibikorwa by'iri Shami

Kimwe n'andi mashami ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, Ishami ry'Itumanaho ryateguye gahunda y'ibikorwa byayo by'imyaka itatu (2002, 2003 na 2004)

7. Kumenyekanisha umunsi w'Isuzumabikorwa wo ku wa 23/11/ 2001

Mu rwego rwo gutegura no kumenyekanisha umunsi w'Isuzumabikorwa wo ku wa 23 ugushyingo 2001, hari ibikorwa binyuranye byakozwe mu Ishami ry'Itumanaho. Muri byo twavuga:

- Guhitisha inyandiko zisobanura uwo Munsi mu binyamakuru byandikwa byo mu Rwanda byaba ibya Leta cyangwa ibyigenga;
- Kugirana ibiganiro n'abanyamakuru baba aba Leta cyangwa abigenga, bibasobanurira Umunsi w'Isuzumabikorwa wo ku wa 23 Ugushyingo 2001 n'uruhare bazawugiramo;
- Ibiganiro kuri Radiyo Rwanda no kuri TVR no gushyira amakuru ajyanye n'uwo Munsi kuri "internet";
- Gukora ingendo mu Ntara zigamije kureba uko Abanyarwanda bitegura uwo munsi.

II.4.2. Ingorane

Ku bakozi bane bari bagize iri shami ubu hasigaye umukozi umwe . Iyo akaba ari ingorane nini yanatumye gahunda nyinshi zitubahirizwa.

II.5. ISHAMI RISHINZWE UBUTEGETSI N'IMARI

II.5.1. Iriburiro

Ishami rishinzwe Ubutegetsi n'Imari rifite udushami dukurikira:

- Agashami gashinzwe Abakozi;
- Agashami gashinzwe Ibikoresho;
- Agashami gashinzwe Imari;
- Agashami gashinzwe Igenzuramutungo

II.5.2. Inshingano z'ingenzi

1. Gushakira Komisiyo abakozi, kubakurikirana no kubafasha kuzuza inshingano zabo bagenerwa amahugurwa anyuranye ;

2. Gushakira abakozi aho bakorera n' ibyo bakoresha ;

3. Gushakira Komisiyo Imari no kuyicunga neza ;

4. Gukurikirana uko umutungo wa Komisiyo ukoreshwa, uko ufashwe n'aho uherereye.

II.5.3. Ibyakozwe by'ingenzi

a) Agashami gashinzwe Abakozi

- Kugeza m'Ukuboza 2001, Komisiyo ifite abakozi 78 (harimo n'abo mu Ntara 25).
- Abakozi basezerewe n' abahagaritse akazi ku mpamvu zabo bwite ni barindwi (7).
- Abakozi bimuriwe ahandi ni babiri (2).
- Hari umukozi umwe watijwe umushinga wa PNUD.
- Hari umukozi umwe witabye Imana.
- Abakozi bakurikiye amahugurwa y'Igenamigambi no gukemura amakimbirane ni 39, naho abahuguwe mu gukoresha orudinateri (computer) ni 16.

b) Agashami gashinzwe Ibikoresho

- Usibye ibikoresho bisanzwe byo ku cyicaro gikuru, abakozi bo mu Ntara bahawe ibikoresho byo mu biro . Ikindi, twashoboye ni ukubaka twa biro dutandatu mu rwego rwo gushakira abakozi bo ku cyicaro gikuru aho bakorera.

- Ikindi cy'ingenzi cyakozwe ni ibaruramutungo wa Komisiyo. Imodoka za otobisi (autobus) zatwaraga amafaranga menshi yo kuzikoresha kuko zari zishaje cyane, twarazitanze dusigarana imwe gusa izajya ikoreshwa mu Ngando.

- Hashyizweho kandi akanama (comite) gashinzwe gutanga amasoko.

c) Agashami gashinzwe Imari:

- Hateguwe ingengo y'imari y'umwaka w'2002 ya Komisiyo mu buryo bwagenwe na Minisiteri y'imari n'Igenamigambi ;

- Hashyizweho uburyo bushya bwo kumenya imikoreshereze y' imari ya Komisiyo ubwo buryo bugatuma ishusho y'umutungo imenyekana buri munsi ;

- Komisiyo yashoboye kwishyura amafaranga y'ubwubatsi bw'ikigo ya cy'amahugurwa cyubakwa i Nkumba, mu Karere ka Bukamba mu Ntara ya Ruhengeri, ku mafaranga y' ingengo y' imari y' umwaka w' i 2001;

- Agashami k'imari kagerageje kubahiriza amabwiriza y'Umugenzuzi w'Imari ya Leta (Auditeur General) nk'uko yabidusabaga.

<u>Urugero:</u>

- Amafaranga 5% yo kwivuza aho kuba 40%
- Kuvanaho igurizwa ry'abakozi,
- Kuzuza impapuro za ngombwa zigendana n' itangwa ry' amafaranga.

- Hashyizweho uburyo bushya bwo kwishyura : amafaranga angana cyangwa arenze ibihumbi mirongo itanu (50.000 Frw) yishyurwa hakoreshejwe sheki.

- Hashakishijwe amafaranga y'inyongera yo gushyigikira ibikorwa binyuranye bya Komisiyo.

d) Agashami gashinzwe Ubugenzuzi bw'Imari n'Umutungo

- Hashyizweho uburyo bw'igenzura (internal check and control).
- Hashyizweho akanama gashinzwe gutanga amasoko.
- Hashyizweho uburyo bwo gukurikirana ibikoresho by'ingando harimo n' ibiribwa kugira ngo ibisagutse byimurirwe mu zindi ngando.
- Gusuzuma imishinga yose iva mu Ntara isaba amafaranga, mbere y'uko iterwa inkunga.
- Gukurikirana imikoreshereze y'ingengo y'imari y'Ishuri ry'Ingando "Peace and Leadership Training Program".

II.5.4. Ingorane

1. Kutagira uburyo bugezweho bw' ibaruramutungo muri Komisiyo ;

2. Guhora Komisiyo ifite ibikorwa byihutirwa kandi bitunguranye bigatuma serivisi yacu idashobora kubahiriza amategeko n'amabwiriza amwe n'amwe (Kutubahiriza imirongo y'ingengo y'imari) ;

3. Abacengezi baza ari benshi kandi k'uburyo butunguranye, bidusaba ko bahugurwa mu ngando bidateganyijwe muri gahunda y'ibikorwa ndetse nta n' ingengo y' imari yabyo dufite ;

4. "Cash budget" : Duhabwa amafaranga make make buri kwezi, kandi hari ibikorwa byihutirwa bigomba gukorerwa icyarimwe ;

5. Izamuka ry'ibiciro ku masoko cyane cyane esansi n'amazutu ;

6. Amagaraje ahenze cyane, urugero ni nka GTZ yishyuza mu madorari ;

7. Imodoka zishaje kandi zidahagije ;

8. Ibikoresho bike, n'ibyinshi muri byo bikaba bishaje ;

9. Kutagira aho gukorera hahagije ;

I0. Abakozi badahagije

11. Kuba hari ibikoresho dufite ariko tutazi ibiciro fatizo twabiha, kubera ko nta mpapuro byazanye dufite.

12. Kubura abakozi b' inzobere kw' isoko ry'akazi, urugero ni nka “Expert comptable”

13. Twapfushije umukozi wakoraga mu Ngando.

II.5.5 Umwanzuro

Muri uyu mwaka w'i 2001 Komisiyo yakorewe igenzura n'ibiro bya "Auditeur Général " rikaba ryarafashije Ishami rishinzwe imari n'ubuyobozi guhindura byinshi mu mikorere yaryo ;

Turashimira Ubuyobozi Bukuru bwa Komisiyo ubufatanye n' inama bwatugiriye mu kazi katoroshye ko kuvugurura imikorere ;

Turashimira kandi Amashami yose ya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge uburyo yadufashije kugira ngo inshingano zacu zigerweho ;

Turashimira abakozi b'Ishami ry'Imari n'Ubuyobozi ukuntu bitanze ari bake mu mirimo ikomeye, ibyagezweho bikaba bishimishije, n'ubwo inzira ikiri ndende.

IGICE CYA GATATU

III. IBINDI BIKORWA BYA KOMISIYO

III.1. Ubufatanye bwa Komisiyo n'izindi nzego

a) Mu rwego mpuzamahanga

- The « Friends of the Commissions

Ni inama ziba rimwe mu mezi abiri, zihuza abahagarariye Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu, Komisiyo ishinzwe gutegura Itegeko Nshinga, na Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge n'abahagarariye Ibihugu byabo n'Imiryango Mpuzamahanga mu Rwanda. Iyo nama iba igamije kurebera hamwe uburyo ibyo bihugu n'imiryango byatera inkunga izo Komisiyo kugira ngo zishobore kurangiza inshingano zazo.

- Imiryanjo mpuzamahanga

Mu miryango mpuzamahanga ikorana na Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge mu buryo butaziguye, twavuga nka GTZ (Abadage), DFID/SIDA (Ubwongereza na Suwedi), Catholic Relief Services (CRS), USAID/IRC (Leta Zunze Ubumwe za Amerika), Abaholandi, Abasuwisi, Ababirigi, Union Europeenne, Haut Commissariat des Refugies (HCR), Programme des Nations-

Unies pour le Developpement (PNUD), Programme Alimentaire Mondial (PAM) na UNICEF.

b) Mu rwego rw'Igihugu

- Inzego zo mu buyobozi bwite bwa Leta

Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ishinzwe gushyira mu bikorwa gahunda ya Leta. N'ubwo ikorana na Minisiteri zose, hari zimwe na zimwe ikorana nazo k'uburyo bw'umwihariko, kandi buhoraho. Muri zo twavuga nka:

- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Imibereho myiza
- Minisiteri y'Ubutabera
- Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo n'Umuco
- Minisiteri y'Ingabo
- Minisiteri y'Uburezi
- Minisiteri y'Iterambere ry'Abari n'Abategarugori
- Urukiko rw'Ikirenga
- Ishami ry'Inkiko Gacaca

- Komisiyo

- Komisiyo y'Uburenganzira bw'Ikiremwamuntu
- Komisiyo y'Amatora
- Komisiyo y'Itegeko-Nshinga
- Komisiyo y'abasezerewe mu Ngabo
- Komisiyo yo Gucyura impunzi

- Izindi nzego

- Societe Civile muri rusange, ikorana neza na Komisiyo. Aha twavuga:

  - Amadini yose akorana neza na Komisiyo cyane cyane mu rwego rw' ingando z'urubyiruko, ibiganiro mbwirwaruhame n' amahugurwa y' abahagarariye amadini anyuranye.
  - Impuzamashyirahamwe ziharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu
  - Impuzamashyirahamwe ziharanira uburenganzira bw'umwana n'umutegarugori
  - Inzego z'abari n'abategarugori baharanira amajyambere
  - Ishyirahamwe ry'abanyamakuru
  - Ishyirahamwe ry'abacitse kw'icumu
  - Ishyirahamwe ry'abapfakazi b'itsembabwoko n'itsembatsemba

III.2 Komisivo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yakiriye abashyitsi

- Abashyitsi basuye Komisiyo mu mwaka wa 2001

Ibikorwa bya Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge byasuwe n' abashyitsi benshi barimo mub' ingenzi twavugamo:

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME wasuye ingando ya Mudende ku itariki 06 Gicurasi 2001.

- Nyakubahwa KOFFI Annan, Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye wasuye ingando y'abitandukanyije n'abacengezi yaberaga mu Karere ka Bukamba mu Ntara ya Ruhengeri.

- Nyakubahwa Clare SHORT, Minisitiri w'Ubwongereza w'Ubutwererane n'Amahanga, wasuye ingando ya Mudende.

- Nyakubahwa Jeremy LESTER, uhagarariye ibihugu by' i Burayi mu Rwanda (Representant de l'Union Europeenne au Rwanda) wasuye ingando za Mudende na Nkumba.

- Nyakubahwa Graeme LOTEN, wahoze ahagarariye Ubwongereza mu Rwanda wasuye ingando ya Mudende.

- Nyakubahwa George STAPPLES, wahoze ahagarariye Leta zunze Ubumwe z' Amerika mu Rwanda nawe wasuye Mudende.

- Nyakubahwa Hans-Dieter STEINBACH, uhagarariye Ubudage mu Rwanda wasuye ingando ya Nkumba.

- Nyakubahwa Herald GANNS, wahoze ahagarariye Ubudage muri Afurika y'Epfo watanze ikiganiro mu nama yahuje Abayobozi (reba inama ya Eminent Personnalities)

- Nyakubahwa Peter PRETORIUS wasuye kandi agatanga ikiganiro muri Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge.

- Abayobozi ba « INTERPOL », INZEGO za Polisi mpuzamahanga bo muri Afurika y'Uburengerazuba.

- Ba Minisitiri, Abadepite, Abakuru b'Intara n'abandi banyuranye baje kwigisha mu ngando zinyuranye.

Abanyamakuru basuye ibikorwa bya Komisiyo:

- Abanyamakuru ba Televiziyo y' Ubudage.
- Chris McGreal, Africa Correspondent w' ikinyamakuru.
  The Guardian » ukorera muri Afurika y'Epfo (Johannesbourg).
- Mpatswenumugabo Alphonse, Agence Internationale pour la Communication et la Publicite - « Groupe Jeune Afrique » ikorera i Paris, France.
- Monique MASS, umunyamakuru wa Radio France Internationale ukorera i Paris mu Bufaransa.
- Ms Jorel, umunyamakuru w'Ikinyamakuru cyo muri Suwedi, cyandikirwa muri Afurika y'Epfo.

IGICE CYA KANE

IV. IMYANZURO

1. N'ubwo inzira ikiri ndende, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge irishimira ko inzitizi zagaragaraga mu gihe yashyirwagaho, zigenda zigabanuka. Ibi bigaragarira muri raporo y'ibiganiro Komisiyo yagiranye n'abanyarwanda mu rwego rw'Intara n'Uturere hose mu Gihugu, zikongera kuganirwaho ku munsi w'isuzumabikorwa by'ubumwe n'ubwiyunge wabaye ku itariki ya 23 Ugushyingo 2001.

2. By'umwihariko, Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yishimiye imyanzuro yavuye mu mahugurwa yahawe Abakuru b'Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda, Abadepite mu Nteko Ishinga Amategeko, Abanyamakuru n' abandi bo muri Société Civile, bakaganira kubitera amakimbirane n'uburyo bwo kuyacyemura. Komisiyo yemera ko ibi byiciro by'Abanyarwanda kimwe n' abanyamadini ari imiyoboro yo gukwirakwiza ibitekerezo n'urugero mu mikorere.

3. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge, irishimira na none imyanzuro yavuye mu biganiro byubaka yagiye igirana n' Abanyarwanda bari mu bihugu byo mu mahanga. Komisiyo yarushijeho guterwa icyizere n' inama ya mbere yahuje Abanyarwanda i Kigali k'ubushake bwabo kuva tariki ya 26 kugeza tariki ya 30 Ukuboza 2001, bakaganira ku nsanganyamatsiko : "Umunyarwanda uba hanze y'Igihugu, yamarira iki Igihugu cye, ese cyo cyamumarira iki "?

4. Komisiyo irishimira ubufatanye bwayo n'abaterankunga, Imiryango itegamiye kuri Leta, ari iyo mu Gihugu ari n'Imiryango Mpuzamahanga, Société Civile muri rusange n'Amadini ku buryo bw'umwihariko.

5. Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ifite ingamba zihamye, ikaba isaba Leta n'Abanyarwanda bose gukomeza kuyishyigikira. Irashishikariza kandi buri wese, aho ari hose n'igihe icyo ari cyo cyose, gufatanya. Irashishikariza kandi buri wese, aho ari hose n'igihe icyo ari cyo cyose, gufatanya n'Abanyarwanda bose gushakira Igihugu amahoro, umutekano, ubumwe n'ubwiyunge, byo soko y' uburumbuke.

IGICE CYA GATANU

V. IBYIFUZO

e) Kugira ngo imikorere ya Komisiyo irusheho kuba myiza, itegeko n° 03/99 ryo kuwa 12/03/1999 rishyiraho Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge rikwiye kuvugururwa Abakomiseri bagahabwa uburyo n'ubushobozi kugira ngo barusheho kugira uruhare mu kuzuza inshingano bahawe. Abakozi nabo bakwiye guhabwa uburyo butuma barushaho kwitangira imirimo bashinzwe, hazirikanywe inshingano ziremereye za Komisiyo.

1. Kugira ngo Komisiyo igire itegeko ngenga-mikorere rigendanye n'igihe, turasaba Inzego zibishinzwe kwihutisha itegeko rigenga abakozi mu Rwanda kuko ari ryo shingiro ry'amategeko y'umwihariko agenga imikorere y'ibigo bya Leta.

2. Duhereye ku buremere bw'inshingano Komisiyo yahawe, turasaba abafata ibyemezo byerekeranye n'ingengo y'imari ya Leta, kugenera Komisiyo ingengo y'imari ihagije, ikwiranye n'ibikorwa biba biteganyijwe buri mwaka.

3. Turasaba kandi abayobozi b'ingeri zose gushyigikira no kwitabira ingando, kuko zitagenewe abaturage bonyine. Ubumwe n'Ubwiyunge ni inshingano ya buri wese kandi inzira y'ukuri yo kubugeraho ni uguhura tukaganira ku bibazo biremereye Igihugu cyacu.

4. Kugira ngo Ubumwe n'Ubwiyunge bibe koko umusemburo nyakuri w'iterambere rizaramba mu Banyarwanda, ni ngombwa ko Politiki ya Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ikomeza guharanira ineza ya buri wese, bityo buri muturarwanda akiyumvisha buri munsi kurushaho, ko inyungu ze ziboneye zizatuma agera ku mibereho myiza, we n'abe bose.

6 Abayobozi b'ingeri zose n'abajijutse bahawe ubumenyi buhanitse, barasabwa by'umwihariko kuba intangarugero rw'ubumwe n'ubwiyunge

by'Abanyarwanda kuko aribyo bizarushaho gutanga icyizere kizasubiza ingorane twasigiwe na politiki mbi yashenye Ubumwe bw'Abanyarwanda u Rwanda rwari rwubakiyeho.

7. Ibyiza twasigiwe n'abakurambere bacu, n'ibyo twagiye tugeraho nyuma y'amahano y' itsembabwoko n' itsembatsemba byo mu w'1994, tugomba kubirinda guhungabana, kugira ngo dukomeze tugende dutera intambwe tujya mbere, u Rwanda rwacu ruzongere rube ihanga rikomeye tuzashobora kuzaraga abazadukomokaho.

Iyo mu bayobozi hari benshi bafite ubutwari bwo gukunda Igihugu n'abagituye, kandi bakitangira ineza ya buri wese, biba umusemburo nyakuri w'ibitekerezo bihanitse, bituma Igihugu kiba ihanga rikomeye, bityo n'amajyambere agenda agerwaho ntajegajege.

UMUGEREKA

IMITERERE N'IMIKORESHEREZE Y'INGENGO Y'IMARI YA KOMISIYO M'UMWAKA W' 2001.

IGICE CYA MBERE : INGENGO Y'IMARI YA LETA

I.I. AYINJIYE KURI KONTI

I.I.I. AYASIGAYE KU NGENGO Y'IMARI 1999 NA 2000.

- Itangira umwaka wa 2001 Komisiyo y'Igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge yawutangiye ifite kuri konti yayo amafranga angana na 155.977.913 Frw yari yasigaye ku ngengo y'imari ya 1999 na 2000 (Budget de fonctionnement).

- Kuri ayo mafaranga hiyongereyeho mu kwezi kwa Mutarama 2001 amafaranga angana na 13.982.700 Frw yo gukoresha y'ukwezi k'Ukuboza 2000 Minisiteri y'Imali n'Igenamigambi yari itaduhaye muri uriya mwaka w'2000.

- Bityo tukaba twaratangiye umwaka wa 2001 dufite amafaranga « Miliyoni ijana na mirongo itandatu n' icyenda, ibihumbi magana urwenda na mirongo itandatu na magana atandatu na cumi n'atatu (169.960.613 frw), yasigaye y'imyaka y' 1999 na 2000.

I.I.2 AYINJIYE

UKWEZI	UMUSHAHARA	AYO GUKORESHA	YOSE HAMWE
Mutarama	13.030.416	26.136.238	39.166.654
Gashyantare	13.000.000	26.000.000	39.000.000
Werurwe	13.000.000	26.000.000	39.000.000
Mata	13.000.000	26.000.000	39.000.000
Gicurasi	13.000.000	14.000.000	27.000.000
Kamena	13.000.000	13.000.000	26.000.000
Nyakanga	13.030.416	26.136.238	39.166.654
Kanama	13j030.416	26.136.238	39.166.654
Nzeli	13.030.416	26.136.238	39.166.654
Ukwakira	13.030.416	33.185.980	46.216.396
Ugushyingo	13.030.416	21.377.144	34.407.560
Ukuboza	13.182.504	18.238.324	31.420.828
Igiteranyo			438.711.400
Kamena - Ingando	Mudende	31.288.600	31.288.600
YOSE HAMWE	**-**	**-**	**470.000.000**

I.I.3 AYINJIYE ATARI ATEGANYIJWE MU NGENGO Y'IMARI YA 2001

UKWEZI	ICYO YARI AGENEWE	AYINJIYE	YOSE HAMWE
Ukwakira	Ingando MINEDUC	3.000.000	3.000.000
Ugushyingo	Ingando	319.413.000	319.413.000
Ugushyingo	Ingando Nkumba	32.825.300	32.825.300
Ugushyingo	Ingando Mudende	33.358.752	33.358.752
YOSE HAMWE			**388.615.052**

- Ni ukuvuga ko umwaka ushize Komisiyo yinjije kuri konti yayo amafranga ya Leta angana na:470.000.000+388.615.052=858.615.052+13.982.700= **872.597.752F**

- Amafranga Komisiyo yagize kuri konti yayo ya Leta yose hamwe mu mwaka w'2001 angana na: **872.597.752+155.977.913=1.028.575.665 F**

- Andi yinjiye kuri konti **6.306.688 F**

- Yose hamwe **1.028.575.665+6.306.688=1.034.882.353 F**

I.I.4. AYASOHOTSE MU 2001

Amafranga yasohotse mu mwaka w'2001 agizwe n' ibice bitatu:

1) Ayishyuye imirimo y'ubwubatsi bwa Nkumba n'ibirarane bya 2000
2) Ayakoreshejwe yari ateganyijwe y`Ingengo y'Imali ya 2000
3) Ayakoreshejwe, arebana n'ayinjiye atari ateganyijwe mu Ngengo y'Imali ya 2001

UKWEZI	**AYASOHOTSE Y'UMWAKA 2000**	**AYASOHOTSE Y'UMWAKA 2001**	**AYASOHOTSE ATARI ATEGANIJWE**	**YOSE HAMWE**
Mutarama	15.211.261	21.677.107		36.888.368
Gashyantare	4.603.750	24.578.322		29.182.072
Werurwe	727.000	21.719.875		22.446.875
Mata	30.655.083	37.884.409		68.539.492
Gicurasi	16.560.593	42.445.172		59.005.765
Kamena	14.804.870	37.967.444		52.772.314
Nyakanga	17.149.350	47.135.592		64.284.942
Kanama	15.978.057	39.987.747		55.965.804
Nzeli	13.393.564	24.833.476		38.227.040
Ukwakira	100.000	58.290.046		58.390.046
Ugushyingo	200.000	56.177.414	100.301.000	156.478.414
Ukuboza	31.101.483	38.420.196	142.985.300	212.506.979
YOSE HAMWE	**160.485.011**	**450.916.900**	**243.286.300**	**854.688.211**

- Amafranga yasohotse kuri konti yose hamwe mu 2001 ni : **854.688.211 F**
- Amafranga asigaye kuri konti kuwa 31 Ukuboza 2001 ni 1.034.882.353 F- 854.688.211 F=**180.194.142 F**

IBISOBANURO

1. Ku mafaranga twishyuye y'umwaka wa 2000 angana na 160.485.011 F hakubiyemo angana na 132.303.707 Frw yishyuye ubwubatsi bw'Ishuri rya Nkumba andi 28.181.304 Frw yishyuye ibirarane by'umwaka wa 2000.

2. Ishuri rya Nkumba rimaze gutwara amafaranga angana na 155.242.888 Frw.

3. Ku mafaranga dusigaranye kuri konti angana na 180.194.142 Frw, harimo amafaranga 76.144.700 F, agenewe ingando yashyizwe kuri konti ya Komisiyo ariko atarateganyijwe muri gahunda zayo z'umwaka wa 2001, bityo tukaba twavuga ko amafaranga Komisiyo yatangiranye umwaka ifite kuri konti ari ayayo, angana na 106.049.542 Frw, uretseko hari ibirarane dutegereje kuzishyura muri uyu mwaka wa 2002.

4. Ibisobanuro birambuye kubyerekeye iyinjira n'isohoka ry'amafaranga kuri konti ya Komisiyo murabisanga mu mbonerahamwe zikurikira.

ISHAMI	AYATEGA-NYIJWE	AYAKORE-SHEJWE	AYASIGAYE	AYARENZE
Ubunyamabanga buhoraho	222.682.000	272.753.483	-	50.071.483
Uburere mboneragihugu	120.000.000	115.318.381	4.681.619	-
Ingando z'abayobozi	48.000.000	41.902.248	6.097.752	-
Ubushakashatsi n' itumanaho	20.000.000	5.120.175	14.879.825	-
Gukemura amakimbirane	19.318.000	12.285.935	7.033.000	-
Ibikorwa Rusange by’abaturage	40.000.000	3.103.100	36.896.900	-
YOSE HAMWE	**470.000.000**	**450.483.322**	**69.589.096**	**50.071.483**

IBISOBANURO

Dukurikije imibare y'iyi mbonerahamwe, twavugako amafranga yasigaye ku Ngengo y'Imari y'umwaka wa 2001 ari:
470.000.000 Frw - 450.483.322 Frw **=19.516.678 Frw**

Ariko akaba adahuye n'agaragara ko yasigaye kuri konti ya Komisiyo impamvu y' icyo kinyuranyo ikaba amafranga yagiye ashyirwa kuri konti atari ateganyijwe nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe y'amafranga yinjiye kuri konti.

IGICE CYA KABIRI : ABATERANKUNGA

Muri iki gice turerekana amafaranga yinjiye n'ayasohotse kuri Konti za Komisiyo zigenewe amafaranga y'Abaterankunga mu mwaka w'2001.

II.1. KONTI Z'AMAFARANGA Y'AMANYARWANDA

Konti	**Ayo twatangiranye umwaka**	**Ayinjiye**	**Ayasohotse**	**Asigaye**
Konti isanzwe ya Komisiyo	5.877.338	65.188.916	56.649.823	14.416.431
Sommet National	11.451.229	34.166.249	34.111.075	11.506.055

II.2. KONTI Z'AMADOLARI

Konti	**Ayo twatangiranye umwaka**	**Ayinjiye**	**Ayasohotse**	**Asigaye**
Konti isanzwe ya Komisiyo	1,776.46	45,778.63	40,464.11	7,090.98
Sommet National	27,376.42	12,268	38,317.15	1,327.27

Abaterankunga Komisiyo yagize mu mwaka w'2001 ni GTZ, HCR, Cooperation Suisse, Ambasade y'abaholandi.